

UMUNARA W'UMURINZI

UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA



IBICE BYO KWIGWA

5-11 KANAMA

**Jya wishimira imico
ya Yehova mu buryo
bwuzuye**

IPAJI YA 7 • INDIRIMBO: 69, 89

12-18 KANAMA

**Jya wishimira umuco
wa Yehova wo kugira
ubuntu no gushyira
mu gaciro**

IPAJI YA 12 • INDIRIMBO:
22, 110

19-25 KANAMA

**Jya wishimira
umuco wa Yehova
w'ubudahemuka
n'uwo kubabarira**

IPAJI YA 17 • INDIRIMBO:
63, 77

26 KANAMA-1 NZERI

**Jya wemera
kugororwa n'igihano
Yehova aguhaye**

IPAJI YA 24 • INDIRIMBO:
120, 64





U BUDAGE

KU GIFUBIKO: Kubwiriza mu muhanda, ahantu hahurira abantu benshi mu mugwi wa Frankfurt mu Budage

ABATURAGE

81.751.600

ABAHAMYA

162.705


ABIGA BIBILIYA

74.466

ABATERANYE KU RWIBUTSO MU WA 2012

265.407

UMUBARE (MU MAMIRIYONI) W'IBITABO BYACAPWE N'IBIRO BY'ISHAMI BY'U BUDAGE MU MYAKA 25 ISHIZE



UMUNARWA UMURINZI®
UTANGAZA UBWAMI BWA YEHOVA

Iyi gazeti ntigomba kugurishwa. Kuyandika biri mu bigize umurimo wo kwigisha Bibiliya ku isi hose, kandi ushyigikiwe n'impano zitangwa ku bushake. Uretse aho byagaragajwe ukundi, imirongo yose yakuwe muri Bibiliya ikoresha ururimi ruhuje n'igihe tugezemo yitwa *Bibiliya—Ubuhinduzi bw'isi nshya*.

IBICE BYO KWIGWA

- Jya wishimira imico ya Yehova mu buryo bwuzuye
- Jya wishimira umuco wa Yehova wo kugira ubuntu no gushyira mu gaciro
- Jya wishimira umuco wa Yehova w'ubudahemuka n'uwo kubabarira

Abakristo bazi ko Yehova afite imico ine y'ingenzi. Ariko ibi bice uko ari bitatu bizadufasha kurushaho kwishimira indi mico ya Yehova tudakunze kuvuga. Ku birebana na buri muco, tuzasuzuma ibibazo bikurikira: ni iki usobanura? Yehova awugaragaza ate? Twawugaragaza dute tumwigana?

- Jya wemera kugororwa n'igihano Yehova aguhaye

Ibyanditswe bigaragaza ububasha bw'ikirenga Yehova afite ku bantu bivuga mu buryo bw'ikigereranyo ko ari "Umubumbyi wacu" (Yes 64:8). Iki gice kigaragaza ukuntu Umubumbyi Mukuru yagiye abumba abantu n'amahanga mu bihe byahise, maze kikatwerekera icyo bitwigisha. Kinagaragaza ukuntu yatugorora muri iki gihe.

IBINDI

- 3 Kumvira Yehova byampesheje imigisha myinshi
- 22 Ibibazo by'abasomyi
- 29 Basaza, ese muzahumuriza "ubugingo bunaniwe"?
- 32 Ese uribuka?

June 15, 2013

Vol. 134, No. 12 Semimonthly KINYARWANDA

The Watchtower (ISSN 0043-1087) is published semimonthly by Watchtower Bible and Tract Society of New York, Inc.; L. Weaver, Jr., President; G. F. Simonis, Secretary-Treasurer; 25 Columbia Heights, Brooklyn, NY 11201-2483, and by Watch Tower Bible and Tract

Society of South Africa NPC, 1 Robert Broom Drive East, Rangeview, Krugersdorp, 1739. © 2013 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania. Uburenganzira bwose bwihariye n'umwanditsi. Printed in South Africa.

Papa yajyaga atubwira ati “Nowa yadusigiye isomo ryiza cyane. Yumviye Yehova kandi yakundaga abari bagize umuryango we, ndetse bose barokotse Umwuzure kubera ko binjiye mu nkuge.”

IBYO ni bimwe mu bintu bya kera cyane nibukira kuri papa, wari umugabo wiyoroshyaga kandi wakoranaga umwete. Kubera ko yakundaga ubutabera, igihe yabwirizwaga mu mwaka wa 1953, yahise yishimira ubutumwa bwo muri Bibiliya. Kuva icyo gihe, yagiye akora ibishoboka byose kugira ngo atwigishe ibyo yigaga. Mu mizo ya mbere, mama yanze kureka imigenzo yo mu idini rya Gatolika. Ariko nyuma y’igihe, na we yatangiye kwemera inyigisho za Bibiliya.

Kutwigisha ntibyoroheraga ababyeyi bacu. Mama ntiyari azi gusoma no kwandika kandi papa yamaraga amasaha menshi akora mu mirima. Rimwe na rimwe yabaga ananiwe cyane, ku buryo yasinziraga mu gihe twabaga twiga. Ariko kandi, imihati ye ntiyabaye imfabusa. Kubera ko ari jye wari umwana w’imfura, nafashaga ababyeyi banjye nkigisha murumuna wanjye na basaza banjye babiri. Mu byo nabigishaga hari hakubiyemo ibyo papa yakundaga kutubwira, bihereranye n’uko Nowa yakundaga umuryango we, bikaba byaragaragajwe n’ukuntu yumviye Imana. Nakundaga cyane iyo nkuru yo muri Bibiliya. Bidatinze, twese twatangiye kujya mu materaniro ku Nzu y’Ubwami yo mu mugwi wa Roseto degli Abruzzi mu Butaliyani, ku nkombe y’inyanja ya Adiriya.

Mu mwaka wa 1955, igihe nari mfite imyaka 11, jye na mama twanyuze mu misozi tugiye mu ikoraniro ryari ryabereye i Roma, mu burengerazuba. Bwari ubwa mbere tujya mu ikoraniro. Kuva icyo gihe, nabonye ko amakoraniro ari kimwe mu bintu byiza cyane mu mibereho y’Umukristo.

Umwaka wakurikiyeho, narabatijwe kandi nyuma yaho natangiye gukora umurimo w’igihe cyose. Igihe nari mfite imyaka 17, nabaye umupayiniya wa bwite mu mugwi wa Latina uri mu majyepfo ya Roma, ku birometero bigera kuri 300 uvuye iwacu. Kubera ko uwo mugwi wari mushya, umuntu ntiyahangayikishwaga cyane n’ukuntu abaturanyi be bazamubona niyemera ubutumwa bwiza. Jye na mugenzi wanjye twakoranaga umurimo w’ubupayiniya twishimiraga ukuntu twatangaga ibitabo byinshi by’imfashanyigisho za Bibiliya. Ariko kubera ko nari nkiri muto, nakumburaga iwacu cyane. icyakora, nashakaga gukurikiza amabwiriza nari narahawe.

Nyuma yaho, nasabwe kujya i Milan gufasha mu mirimo yo

Kumvira Yehova byampesheje imigisha myinshi

BYAVUZWE NA
ELISA PICCIOLI





Ku muni w'ubukwe bwacu

Twishimiraga kumarana igihe n'abakiri bato, kandi Paolo yakundaga gukina na bo umupira w'amaguru

gutegura Ikoraniro Mpuzamahanga ryabaye mu mwaka wa 1963, ryari rifite umutwe uvuga ngo "Ubutumwa bwiza bw'iteka." Muri iryo koraniro, nakoranye n'abandi bantu benshi bari bitangiye gukora imirimo, harimo n'umuvandimwe wari ukiri muto witwaga Paolo Piccioli wo mu mugwi wa Florence. Ku muni wa kabiri w'iryo koraniro, yatanze disikuru yari ishishikaje cyane, yavugaga ibirebana n'ubuseribateri. Ndi-buka ko natekereje nti "uriya muvandimwe ntazigera ashaka." Ariko kandi, twatangiye kujya twandikirana, tuza gusanga dufite byinshi duhuriyeho. Urugero, twari duhujye intego, twembi dukunda Yehova kandi twifuzaga kumwumvira. Jye na Paolo twashyiringanywe mu mwaka wa 1965.

DUHURA N'ABAPADIRI

Namaze imyaka icumi ndi umupayiniya w'igihe cyose mu mugwi wa Florence. Iyo twabonaga ukuntu umubare w'amatorero wiyongeraga, cyane cyane ukuntu abakiri bato bagiraga amajyambere mu buryo bw'umwuka, byaradushimishaga cyane. Jye na Paolo twishimiraga kumarana na bo igihe tunganira ku bintu by'umwuka, kandi tukidagadura. Paolo yakundaga gukina na bo umupira w'amaguru. Birumvikana ko nishimiraga kumarana igihe n'umugabo wanjye, ariko nabonaga ko urwo rubyiruko rwo mu itero hamwe n'abagize imiryango bari bakeneye ko amarana na bo igihe kandi akabitaho.

Iyo ntekereje ku bantu benshi twigishije Bibiliya, ngira ibyishimo byinshi. Umwe muri bo yitwaga Adriana, wajejeje ku yindi miryango ibiri ibyoyigaga. Batumiye umupadiri kugira ngo aze tunganire ku nyigisho zimwe na zimwe za Gatolika, urugero nk'inyigisho y'Ubutatu n'iyoyi kudapfa k'ubugingo. Haje abakuru b'iryo dini batatu. Ibisobanuro batangaga byari bijimije kandi bidahuza, ku buryo abantu twigishaga Bibiliya bahise batahura ko inyigisho z'abo bakuru b'idini zitari zihujye n'iza Bibiliya. Mu by'ukuri, ibyabaye uwo muni byatumye ibintu bihinduka. Nyuma yaho, abantu 15 bo muri icyo miryango babaye Abahamya.

Muri iki gihe tubwiriza mu buryo butandukanye n'ubwo. icyo gihe, Paolo yari yarabaye umuhanga mu kujya impaka n'abapadiri, kandi yagiye ahura na bo kenshi. Nibuka ko hari igihe yahuye na bo hari n'abandi bantu batari Abahamya. Byaje kugaragara ko abo bapadiri bari bateguye mbere y'igihe abantu bari kubaza ibibazo byo gukoza Paolo isoni. icyakora, ibintu ntibyagenze uko bari babyiteze. Hari uwabajije niba byari bikwirirye ko kiliziya yivanga muri politiki nk'uko yari yaragiye ibigenza mu gihe cy'ibinyejana byinshi. icyo gihe abapadiri babuze icyo basubiza. Amatara yahise azima, maze abantu barataha. Imyaka runaka nyuma yaho, twamenye ko abo bapadiri bari basabye umuntu kuzimya amatara mu gihe ibintu byari kuba bitagenze nk'uko babyifuzaga.

DUHABWA IZINDI NSHINGANO

Hashize imyaka icumi jye na Paolo dushyingiranywe, twasabwwe gukora umurimo wo gusura amatorerero. Kubera ko Paolo yari afite akazi keza, gufata umwanzuro ntibyatworoheye. icyakora, tumaze kubitekerezaho kandi tugasenga, twemeye iyo nshingano nshya. Twishimiraga kumarana igihe n'imiryango yabaga yatwakiriye. Akenshi nimugoroba, twigiraga Bibiliya hamwe n'ababaga bagize iyo miryango, twarangiza Paolo agafasha abana gukora imikoro yabo, cyane cyane iyo yabaga ari imibare. Ikindi kandi, Paolo yakundaga cyane gusoma kandi yashishikariraga kubwira abandi ibintu bishimishije kandi byubaka yabaga yasomye. Kuwa mbere, twakundaga kujya kubwiriza mu migi itarabagamo Abahamya, tugatumirira abantu kuza kumva disikuru yabaga iri butangwe ku mugoroba.

Tumaze imyaka ibiri dukora umurimo wo gusura amatorerero, twatumiriwe kujya gukora kuri Beteli y'i Roma. Paolo yasabwwe gukora imirimo ijyaniranye n'iby'amategekako, naho jye nkora mu Rwego Rwari Rushinzwe Abonema z'Amagazeti. Iryo hinduka ntiriyari ryoroshye, ariko twari twariyemeje kumvira. Kubona ukuntu ibiro by'ishami byagendaga byaguka, n'ukuntu umubare w'abavandimwe bo mu Butaliyani wagendaga wiyongera, byaradushimishaga cyane. icyo gihe, Abahamya ba Yehova bo mu Butaliyani bahawe ubuzima gatozi. Mu by'ukuri, twari twishimiye cyane iyo nshingano nshya.

Muri icyo gihe twakoraga kuri Beteli, abantu bo mu

Butaliyani bamenye imyizerere ishingiye kuri Bibiliya y'Abahamya ku birebana n'amaraso. Mu ntangiriro z'umwaka wa 1980, hari urubanza rurebana n'ikibazo cy'amaraso rwamenyekaneye cyane. Umugabo n'umugore we b'Abahamya bashinjwe ko batumye umwana wabo w'umukobwa apfa, nubwo mu by'ukuri yari yishwe n'indwara ikomeye yo mu maraso abantu benshi bo mu karere ka Mediterane bavukana. Abavandimwe na bashiki bacu bari bagize umuryango wa Beteli bafashije abavoka baburaniraga abo babyeyi. Hasohotse agatabo n'igazeti yihariye ya *Nimukanguke!*, byatumye abantu bamenya ukuri ku birebana n'icyo kibazo kandi basobanukirwa icyo Ijambo ry'Imana rivuga ku birebana n'amaraso. Muri ayo mezi, akenshi Paolo yakoraga amasaha 16 ku munsu nta kuruhuka. Nakoraga uko nshoboye kose kugira ngo mushyigikire.

IKINDI KINTU CYAHINDUYE IMIBEREHO YACU

Igihe twari tumaze imyaka 20 dushyingiranywe, twahuye n'ikintu cyadutunguye. Nari mfite imyaka 41, Paolo afite 49 ubwo namubwiraga ko nakekaga ko ntwite. Narebye muri ajenda ye, nsanga uwo munsu yaranditse amagambo agira ati "isengesho: niba ari ukuri, uzadufashe kuguma mu murimo w'igihe cyose, ntituzidamararire mu buryo bw'umwuka kandi uzadufashe kuba ababyeyi beza binyuze ku rugero tuzaha umwana wacu. Ikirenze byose, uzamfashe gushyira mu bikorwa nibura kimwe cy'ijana cy'ibintu byose navugiyeye kuri platifomu mu myaka isaga 30 ishize." Iyo ndebye



Paolo yakundaga akazi yakoraga kuri Beteli
Ilaria yakundaga kuvuga ati "papa ni we ncuti yanjye magara"

uko byaje kugenda, mbona ko Yehova yashubije iryo se-
ngesho rye n’iryanjye.

Kuvuka kwa Ilaria kwahinduye byinshi mu mibere-
ho yacu. Tuvugishije ukuri, hari igihe twumvaga twa-
citse intege, nk’uko mu Migani 24:10 habivuga hagi-
ra hati “nucika intege ku muni w’amakuba, imbaraga
zawe zizaba nke.” Ariko buri wese yashyigikiraga undi,
tuzirikana ko guterana inkunga bigira akamaro kenshi.

Ilaria akunda kuvuga ukuntu yishimira ko yabyawe
n’ababyeyi b’Abahamya bagiraga umwete mu murimo
w’igihe cyose. Ntiyigeze yumva ko yatereranywe; yaku-
ze yumva akunzwe kandi yitaweho. Ku manywa na-
baga ndi kumwe na we. Iyo Paolo yageraga mu rugo
nimugoroba, akenshi yabaga afite akazi agomba ku-
rangiza; ariko yamaranaga na we igihe, bagakina ka-
ndi akamufasha gukora umukoro we. Ibyo yarabikora-
ga nubwo hari ubwo byamusabaga gukora kugeza saa
munani cyangwa saa cyenda z’ijoro, kugira ngo arangi-
ze akazi ke. Ilaria yakundaga kuvuga ati “papa ni we
ncuti yanjye magara.”

Birumvikana ko kugira ngo dufashe Ilaria kuguma
mu nzira ya gikristo, twagombaga kumuhana, rimwe
na rimwe tukabikora tutajenjetse. Nibuka igihe kimwe
ubwo yarimo akina n’incuti ye, maze akayikorera iki-
ntu kibi. Twamusobanuriye twifashishije Bibiliya impa-
mvu atari akwiriye gukora ibintu nk’ibyo. Twanamute-
getse gusaba iyo ncuti ye imbabazi duhari.

Ilaria avuga ko kuba ababyeyi be barakundaga umu-
rimo wo kubwiriza byatumye na we awukunda. Aho

amariye gushaka, yarushijeho gusobanukirwa ukuntu
kumvira Yehova no gukurikiza ubuyobozi bwe ari iby’i-
ngenzi cyane.

NAKOMEJE KUMVIRA NO MU BIHE BY’AKABABARO

Mu mwaka wa 2008, Paolo yamenye ko yari arwaye
kanseri. Mu mizo ya mbere, yasaga n’aho yari kuzaki-
ra iyo ndwara, kandi yanteraga inkunga cyane. Uretse
kuba jye na Ilaria twarashakaga abaganga beza bo kwi-
ta kuri Paolo, twanamaraga igihe kinini dusenga Ye-
hova tumusaba ko yadufasha kwihangana. Ariko ka-
ndi, iyo nabonaga ukuntu umugabo wanjye wahoranye
imbaraga yagendaga acika intege, byarambabazaga cya-
ne. Igihe yapfaga mu mwaka wa 2010, byaranshege-
she. icyakora, iyo ntekereje ibintu byose twakoranye
mu myaka 45, numva mpumuriywe. Twahaye Yehova
ibyiza kurusha ibindi. Nzi ko umurimo twakoze uzaho-
ra ufite agaciro. Ikindi kandi, ntegerezanyije amatsiko
igihe Paolo azazuka, nk’uko Yesu yabivuze muri Yoha-
na 5:28, 29.

Mu mutima wanjye ndacyari ka gakobwa gato gaku-
nda cyane inkuru ya Nowa. Intego yanjye ntiyigeze ihi-
nduka. Nifuzaga kumvira Yehova, uko ibyo yansaba bya-
ba biri kose. Nemera ntashidikanya ko ibibazo byose
nahura na byo, ibyo nakwigomwa byose cyangwa ibyo
natakaza byose, nta cyo bivuze ubigereranyije n’imigi-
sha ihebuje Imana yacu yuje urukundo iduha. Nibone-
ye ko kumvira Yehova ari byo buri gihe bigirira umuntu
akamaro.

“Mu mutima wanjye nda-
cyari ka gakobwa gato
gakunda cyane inkuru
ya Nowa. Intego yanjye
ntiyigeze ihinduka”





*“Nimwigane Imana
nk’abana bakundwa.”*

—EFE 5:1.

WASUBIZA UTE?

Twakora iki kugira ngo turusheho kwishimira imico ya Yehova?

Kuba umuntu wishyikirwaho bisobanura iki?

Twakwigana dute umuco wa Yehova wo kutarobanura ku butoni?

JYA WISHIMIRA IMICO YA YEHOVA MU BURYO BWUZUYE


IYO utekereje ku mico ya Yehova, ni iyihe ihita ikuzaza mu bwenge? Abenshi muri twe batekereza ku rukundo, ubutabera, ubwenge n’imbaraga. icyakora, tuzi ko Yehova afite indi mico myinshi ihebuje. Mu by’ukuri, hari imico ya Yehova irenga 40 yagiye ivugwa mu bitabo byacu. Gusuzuma iyo mico mu gihe twiyigisha Bibiliya cyangwa mu gihe cya gahunda y’iby’umwuka mu murango, bizatuma tumenya byinshi kuri Yehova. Ibyo bizatumarira iki? Bizatuma turushaho kwishimira Data wo mu ijuru. Kurushaho kwishimira Yehova na byo bizatuma tugira icyifuzo gikomeye cyo kumwegera no kumwigana.—Yos 23:8; Zab 73:28.

² “Kwishimira” ikintu bisobanura iki? Nk’uko tuza-bibona muri ibi bice, bisobanura kumenya agaciro nyako ikintu gifite. Umuntu agenda arushaho kwishimira ikintu buhoro buhoro. Reka dufate urugero rw’ibyokurya. Iyo tugiyeye kurya ibyokurya bwa mbere, tubanza gu-shimishwa n’impumuro yabyo, bikarushaho kuturyohera uko tugenda tubirya, maze twazabyitekerera bikaba akarusho. Mu buryo nk’ubwo, turushaho kwishimira umuco runaka wa Yehova iyo tuwumenye, tukawutekerezeho, hanyuma tukawigana (Efe 5:1). Intego y’iki gice n’ibindi bibiri bikurikira ni ukudufasha kurushaho kwishimira indi mico y’Imana tudakunda gutekerezeho cyane, itari ya yindi y’ingenzi. Tuzagenda dusuzuma icyo buri muco usobanura, uko Yehova awugaragaza, n’ukuntu twawugaragaza tumwigana.

YEHOVA YISHYIKIRWAHO

³ Nimucyo mbere na mbere dusuzume umuco

1. (a) Ni iyihe mico ya Yehova Umukristo ashobora gutekerezeho? (b) Gusuzuma imico y’Imana bizatugirira akahe kamaro?
2. (a) Tanga urugero rugaragaza uko twarushaho kwishimira imico ya Yehova. (b) Ni iki tuzasuzuma muri ibi bice bitatu?
- 3, 4. (a) Umuntu wishyikirwaho aba ameze ate? (b) Yehova atwizeza ate ko yishyikirwaho?



'Yehova Imana yawe ntagira uwo arenganya.'—Guteg 10:17
(Reba paragarafu ya 17)

"Yehova aba hafi y'abamwambaza bose."
—Zab 145:18
(Reba paragarafu ya 9)

wo kwishyikirwaho. Ubwirwa n'iki ko umuntu yishyikirwaho? Ushobora kuvuga uti "aba agwa neza, wamukenera ukamubona, kandi kumuvugisha bikaba byoroshye." Akenshi umenya niba umuntu yishyikirwaho cyangwa atishyikirwaho iyo wumvise ibyo avuga kandi ukitegereza ibimenyetso by'umubiri akora, n'uko ameze mu maso.

⁴ Yehova agaragaza ate ko yishyikirwaho? Nubwo ari Umuremyi ushobora byose w'ijuru n'isi, atwizeza ko yiteguye kumva amasengesho yacu no kuyasubiza. (**Soma muri Zaburi ya 145:18; Yesaya 30:18, 19.**) Dushobora gusenga Imana igihe icyo ari cyo cyose n'aho twaba turi hose, kandi tukamara igihe dushatse cyose. Dushobora kuyegera twisanzuye, tuzi ko bitayirakaza (Zab 65:2; Yak 1:5). Iyo Ijambo ry'Imana risobanura uko Yehova ateye, rikoresha amagambo ubusanzwe akoreshwa ku bantu, kugira ngo rigaragaze ko yifuza ko tumwishyikiraho. Urugero, Dawidi umwanditsi wa zaburi yaranditse ati "amaso ya Yehova ari" kuri twe kandi 'ukuboko

kwe kw'iburyo kuradukomeza' (Zab 34:15; 63:8). Umuhanuzi Yesaya yagereranyije Yehova n'umwungeri agira ati "azateranyiriza abana b'intama hamwe akoresheje ukuboko kwe, kandi azabatwara mu gituzacye" (Yes 40:11). Tekereza nawe! Yehova yifuza ko tuba hafi ye nk'uko akana k'intama kaba kameze mu gituzacy'umwungeri wita ku ntama ze. Mbega ukuntu dufite Data wishyikirwaho! Twakwigana dute uwo muco wa Yehova?

UMUCO W'AGACIRO KENSHI

⁵ Mu gihe gishize, Abahamya barangwa n'umwete bo ku migabane itandukanye barabajijwe bati "ni uwuhe muco uruta indi yose uba wifuza ko umusaza yagira?" Abenshi barashubije bati "yagombye kuba ari umuntu wishyikirwaho." Birumvikana ko buri Mukristo akeneye kwitoza kugaragaza uwo muco mu buryo bwuzuye, ariko abasaza ni bo cyane cyane bagomba kuba abantu bishyikirwaho (Yes 32:1, 2).

⁵ Kuki ari iby'ingenzi ko abasaza baba abantu bishyikirwaho?

Hari mushiki wacu wasobanuye impamvu yumva ko uwo mucu ari uw'ingenzi cyane, agira ati "iyu umusaza yishyikirwaho ni bwo gusa tuba dushobora kungukirwa n'indi mico myiza aba afite." Ese ibyo yavuze ntibihuje n'ukuri? Ariko se, ni iki gituma umuntu yishyikirwaho?

⁶ Ibanga ryo kuba umuntu wishyikirwaho ni ukwita ku bandi ubikuye ku mutima. Iyo umusaza yita ku bandi kandi akaba yiteguye kubafasha, abavandimwe na bashiki bacu, hakubiyemo n'abakiri bato, bamwisanzuraho (Mar 10:13-16). Carlos ufite imyaka 12 yaravuze ati "njya nitegereza abasaza mu Nzu y'Ubwami, baseka kandi bafasha abandi, nkumva ndabibakundiye." Ariko kandi, ntibihagije ko umusaza avuga ko yishyikirwaho; ahubwo aba agomba kubigaragaza (1 Yoh 3:18). Yabigaragaza ate?

⁷ Tekereza kuri uru rugero: Vuba aha, hari umvandimwe wari wambaye agakarita k'ikoraniro igihe yari mu ndege avuye mu ikoraniro ryari ryabereye mu kindi gihugu. Ubwo umukozi wo mu ndege yabonaga amagambo yari kuri ako gakarita yagiraga ati "Ubwami bw'Imana nibuze," yabwiye uwo muvandimwe ati "yego rwose nibuze. Turi bubiganireho mu buryo burambuye." Nyuma yaho, yaganiriye n'uwo mukozi wo mu ndege, kandi yemera gufata amagazeti yacu. Ibintu nk'ibyo byabaye kuri benshi muri twe. None se, kuki agakarita k'ikoraniro gatumye abantu bumva bashakira kutuvugisha? Ni ukubera ko mu buryo runaka kabwira abantu kati "ntimunyishishe. Nimumbaze aho ngiye." Ako gakarita ni ikimenyetso cyereka abantu ko twiteguye kubabwira imyizerere yacu. Mu buryo nk'ubwo, abasaza b'Abakristo bifuzaga kugaragaza ibimenyetso bibwira bage-

6. Ibanga ryo kuba umuntu wishyikirwaho ni irihe?

7. Kuki kwambara agakarita k'ikoraniro akenye bituma abantu bumva bashakira kutuvugisha, kandi se ibyo bitwigisha iki?

nzi babo bahuje ukwizera bita "ntimunyishishe." Bimwe muri ibyo bimenyetso ni ibihe?

⁸ Nubwo imico igenda itandukana bitewe n'igihugu, muri rusange iyo tumwe nyuriye abavandimwe na bashiki bacu, tukabaha umukono tubagaragariza ko tubishimiye cyangwa tukabasuhuzanya urugwiro, tuba tubagaragariza ko tubitayeho tubikuye ku mutima. Ni nde wagombye gufata iya mbere? Reka turebe urugero Yesu yatanze. Matayo avuga ko igihe Yesu yahuriraga hamwe n'abigishwa be, 'yabegereye akavugana na bo' (Mat 28:18). Mu buryo nk'ubwo, muri iki gihe abasaza bafata iya mbere bakegera bagenzi babo bahuje ukwizera maze bakabavugisha. Ibyo bifasha bite abagize itorerero? Mushiki wacu w'umupayiniya ufite imyaka 88 yagize ati "iyu ninjiye mu Nzu y'Ubwami abasaza bakamwenyurira kandi bakambwira amagambo ateye inkunga, bituma numva mbakunze." Hari undi mushiki wacu w'indahemuka na we wagize ati "iyu ngeze ku materaniro umusaza akampa ikaze amwemyura, kuri jye biba bifite agaciro kenshi."

BISHYIKIRWAHO KANDI BAKABONEKA

⁹ Uko bigaragara, ntidushobora kuba abantu bishyikirwaho niba tutaboneka. Yehova aduha urugero rwiza mu birebana n'ibyo. Bibiliya igira iti 'ntari kure y'umuntu wese muri twe' (Ibyak 17:27). Uko abasaza bashobora kuboneka mu gihe abandi babakeneye, ni ukugena igihe mbere na nyuma y'amateraniro kugira ngo baganire n'abavandimwe na bashiki bacu, baba abakiri bato n'abakuze. Hari umvandimwe w'umupayiniya wavuze ati "iyu umusaza w'itorero ambajije uko merewe,

8. Abasaza bagaragaza bate ko bita ku bandi babikuye ku mutima, kandi se ibyo bifasha bite abagize itorerero?

9, 10. (a) Ni uruhe rugero rwiza Yehova aduha? (b) Ni iki abasaza bakora kugira ngo baboneke mu gihe abandi babakeneye?



Abakobwa ba Selofehadi bishimiye ko Imana itarobanura ku butoni
(Reba paragarafu ya 13 n'ya 14)

hanyuma agahagarara akantega amatwi, numva nkunzwe.” Mushiki wacu umaze imyaka hafi 50 akorera Yehova, yaravuze ati “abasaza bafata akanya bakamvugisha nyuma y’amateraniri batuma numva mfiite agaciro.”

¹⁰ Birumvikana ko abungeri b’Abakristo baba bafite izindi nshingano bagomba kwitaho. Ariko ku materaniri, intego yabo y’ibanze yagombye kuba iyo kwita ku ntama.

YEHOVA NTAROBANURA KU BUTONI

¹¹ Kutarobanura ku butoni ni undi mucu uhebuje wa Yehova. Kutarobanura ku butoni bisobanura iki? Bisobanura kutagira uwo ubera, kutagira urwikekwe cyangwa kudatonesha abantu bamwe ngo ubarutishe abandi. Kutarobanura ku butoni by’ukuri bikubiyemo ibi bintu bibi-

11, 12. (a) Kutarobanura ku butoni bisobanura iki? (b) Ni mu buhe buryo Yehova atubera icyitegererezo mu birebana no kutarobanura ku butoni?

ri: ibyo umuntu atekereza n’ibikorwa bye. Kuki ibyo byombi ari ngombwa? Ni ukubera ko iyo umuntu *atarobanura* abantu mu mutima we ari bwo gusa aba ashobora *kubitaho* bose nta we yirengagije. Mu Byanditswe by’ikigiriki bya gikristo, amagambo ngo ‘kutarobanura ku butoni’ afashwe uko yakabaye asobanura “kutita ku isura,” ni ukuvuga kutarutisha umuntu uwundi (Ibyak 10:34; *Kingdom Interlinear*). Ku bw’ibyo, umuntu utarobanura ku butoni ntiyita ku kuntu umuntu agaragara inyuma cyangwa imimerere arimo, ahubwo yita ku mico iranga uwo muntu.

¹² Yehova ni we cyitegererezo mu birebana no kutarobanura ku butoni. Ijambo rye rivuga ko ‘atarobanura ku butoni’ kandi ko ‘atagira uwo arenganya.’ (***Soma mu Byakozwe 10:34, 35; Gutegeka kwa Kabiri 10:17.***) Hari ibintu byabaye mu gihe cya Mose bibigaraza.

¹³ Mbere y’uko Abisirayeli binjira mu Gihugu cy’Isezzerano, hari abakobwa batanu bavaga inda imwe bahuye n’ikibazo. icyo kibazo cyari ikihe? Bari bazi ko umuryango wabo, kimwe n’indi miryango y’Abisirayeli, wagombaga guhabwa gakondo ya se (Kub 26:52-55). Ariko kandi, se w’abo bakobwa witwaga Selofehadi wari uwo mu muryango wa Manase, yari yarapfuye. Mu buryo buhuje n’Amategeko, abahungu ba Selofehadi ni bo bari bafite uburenganzira bwo guhabwa gakondo, ariko yari yarabyaye abakobwa gusa (Kub 26:33). Ese ko nta muhungu wari muri uwo muryango ngo ahabwe iyo gakondo, yari guhabwa bene wabo maze abo bakobwa bagasigarira aho?

¹⁴ Abo bakobwa batanu basanze Mose baramubaza bati “none se izina rya data rizasibangane mu muryango we bitewe n’uko atabyaye abahungu?” Baramwingi-

13, 14. (a) Ni ikihe kibazo abakobwa batanu ba Selofehadi bahuye na cyo? (b) Yehova yagarageje ate ko atarobanura ku butoni?

nze bati “nimuduhe gakondo mu bavandimwe ba data.” Ese Mose yaba yarababwiye ati “iryo tegeko nta cyo narihinduraho?” Oya, ‘yajyanye icyo kibazo imbere ya Yehova’ (Kub 27:2-5). Byaje kugenda bite? Yehova yabwiye Mose ati “ibyho abakobwa ba Selofehadi bavuga ni ukuri. Ugomba kubaha gakondo mu bavandimwe ba se, kugira ngo gakondo ya se ibe iyabo.” Hari ikindi Yehova yakoze. Yabwiye Mose kongera mu Mategeko irigira riti “umuntu napfa nta muhungu asize, gakondo ye muzayihe umukobwa we” (Kub 27:6-8; Yos 17:1-6). Kuva icyo gihe, Abisirayelikazi bose bari guhura n’ikibazo nk’icyo bari kuba bafite itegeko ribarengera.

¹⁵ Uwo wari umwanzuro mwiza wagarazaga kutarobanura ku butoni. Yehova yubashye abo bakobwa batari bafite kirengera, nk’uko yubahaga abandi Bisirayeli bari bamerewe neza (Zab 68:5). Iyo ni imwe gusa mu nkuru nyinshi za Bibiliya zigaragaza ko Yehova yita ku bagaragu be bose atarobanuye ku butoni.—1 Sam 16:1-13; Ibyak 10:30-35, 44-48.

DUSHOBORA KWIGANA YEHOVA

¹⁶ Twakwigana dute umuco wa Yehova wo kutarobanura ku butoni? Wibuke ko kutarobanura ku butoni bikubiyemo ibintu bibiri. Iyo *tutarobanura* abantu mu mitima yacu ni bwo gusa tuba dushobora *kubitaho* nta we twirengagije. Mu by’ukuri, buri wese muri twe aba atekereza ko atagira urwikekwe kandi ko atarobanura ku butoni. Ariko kandi, dushobora kwemera ko kwisuzuma tutibereye kugira ngo tumenye uko dufata abandi, atari ko buri gihe biba byoroshye. Ku bw’ibyho se, twakora iki kugira ngo tumenye niba tuzwiho kuba tuta-

^{15.} (a) Yehova afata ate abagize ubwoko bwe, ndetse n’abatagira kirengera? (b) Ni izihe nkuru zindi za Bibiliya zigaragaza ko Yehova atarobanura ku butoni?

^{16.} Ni iki cyadufasha kwigana umuco wa Yehova wo kutarobanura ku butoni?

robanura ku butoni? Igihe Yesu yashakaga kumenya uko abantu bamuvugaga, yabajije incuti ze magara ati “abantu bavugaga ko Umwana w’umuntu ari nde?” (Mat 16:13, 14). Kuki utakwigana urwo rugero rwa Yesu? Ushobora kubaza incuti yawe yiringirwa niba abantu babona ko utarobanura ku butoni. None se ikubwiye ko ukirobanura ku butoni ushingiyeye ku ibara ry’uruhu cyangwa urwego rw’imibereho, ni iki wagombye gukora? Jya usenga Yehova ushyizeho umwete maze umubwire agufashe guhindura uko ufata abandi, bityo urusheho kwigana umuco we wo kutarobanura ku butoni.—Mat 7:7; Kolo 3:10, 11.

¹⁷ Mu itorerero rya gikristo, tugaragaza ko twifuza kwigana umuco wa Yehova wo kutarobanura ku butoni twubaha abavandimwe na bashiki bacu bose, kandi tukabagaragariza ineza yuje urukundo. Urugero, mu gihe dushatse kwakira abashyitsi, twagombye gutumira abantu b’ingeri zose, hakubiyemo abo tudahuye umuco, abakene, imfubyi cyangwa abapfakazi. (*Soma mu Bagalatiya 2:10; Yakobo 1:27.*) Ikindi kandi, mu gihe dukora umurimo wo kubwiriza iby’Ubwami, twirinda kurobanura ku butoni tukageza ubutumwa bwiza ku bantu b’ingeri zose, harimo n’abanyamahanga. Twishimira kuba dushobora kubona ibitabo by’imfashanyigisho za Bibiliya mu ndimi zigera kuri 600. Rwose iyo ni gihamya y’uko tutarobanura ku butoni.

¹⁸ Koko rero, iyo dufashe akanya tugatekereza ukuntu Yehova yishyikirwaho kandi ntarobanure ku butoni, turushaho kumukunda. Urwo rukundo rwagombye gutuma twigana imico ye mu buryo bwuzuye, tukayigaragaza mu mibanire yacu n’abo duhuye ukwizera ndetse n’abo tubwiriza.

^{17.} Ni mu buhe buryo twagaragaza ko tutarobanura ku butoni?

^{18.} Uzagaragaza ute ko wishimira ko Yehova yishyikirwaho kandi ntarobanure ku butoni?



“Yehova agirira bose neza, imbabazi ze ziri ku mirimo ye yose.”

—ZAB 145:9.

WASUBIZA UTE?

Ni iyihe mico ibiri ya Yehova dushobora kurushaho kwishimira?

Twakwigana dute umuco wa Yehova wo kugira ubuntu?

Ni mu buhe buryo twakwigana umuco wa Yehova wo gushyira mu gaciro?

JYA WISHIMIRA UMUCO WA YEHOVA WO KUGIRA UBUNTU NO GUSHYIRA MU GACIRO

UMUKRISTOKAZI witwa Monika yaravuze ati “jye n’u-mugabo wanjye tumaze imyaka hafi 35 dushakanye. Turaziranye bihagije. Ariko nubwo tumaranye iyo myaka yose, hari ibyo buri wese abona ku wundi atari yarigeze amumenyaho.” Nta gushidikanya ko uko ari na ko bimeze ku miryango myinshi no ku bantu benshi bafitanye ubucuti.

² Dushimishwa no kurushaho kumenya abo dukunda. icyakora, mu ncuti zose dushobora kugira, incuti y’ingenzi kurusha izindi ni Yehova. Ntituzigera tumenya ibintu byose bimwerekereye (Rom 11:33). Mu gihe cy’iteka ryose, tuzabasha kwiga byinshi ku birebana n’imico ya Yehova kandi turushaho kwishimira.—Umubw 3:11.

³ Igice cyabanjirije iki cyatumye turushaho kwishimira umuco wa Yehova wo kwishyikirwaho n’uwo kutarobanura ku butoni. Reka noneho turebe indi mico ibiri ihebujye ya Yehova, ari yo kugira ubuntu no gushyira mu gaciro. Kubigenza dutyo biri butume turushaho kumenya ko “Yehova agirira bose neza, [kandi ko] imbabazi ze ziri ku mirimo ye yose.”—Zab 145:9.

YEHOVA AGIRA UBUNTU

⁴ Kugira ubuntu bisobanura iki? Igisubizo cy’icyo kibazo tugisanga mu magambo ya Yesu ari mu Byakozwe 20:35, agira ati “gutanga bihesha ibyishimo kuruta guhabwa.” Muri ayo magambo make gusa, Yesu yagaragaje icyo kugira ubuntu ari cyo. Umuntu ugira ubuntu atanga igihe cye, imbaraga ze n’ubutunzi bwe kugira ngo afashe aband, kandi akabikora yishimye. Mu by’ukuri, kugira ubuntu ntibigaragazwa no gutanga impano ihe-

-
- 1, 2. Ni iki incuti za Yehova zizabasha gukora mu gihe cy’iteka ryose?
 3. Ni iki turi busuzume muri iki gice?
 4. Kugira ubuntu bisobanura iki?

nze, ahubwo bigaragazwa n’umutima umuntu aytanganye. **(Soma mu 2 Abakorinto 9:7)** Nta wagira ubuntu kurusha Yehova “Imana [yacu] igira ibyishimo.”—1 Tim 1:11.

⁵ Yehova agaragaza ate ko agira ubuntu? Aha abantu bose ibyo bakeneye, hakubiyemo n’abatamusenga. Koko rero, “Yehova agirira bese neza.” Bibiliya igira iti “atumu izuba rye rirasira ababi n’abeza kandi akavubira imvura abakiranutsi n’abakiranirwa” (Mat 5:45). Ni yo mpamvu igihe intumwa Pawulo yavuganaga n’abatizera, yababwiye ko Yehova ‘yabagiriraga neza, akabavubira imvura yo mu ijuru, akabaha ibihe by’imyaka birumbuka n’ibyokurya byinshi, kandi akuzuzanya imitima yabo umunezero’ (Ibyak 14:17). Mu by’ukuri, Yehova agirira ubuntu abantu bese.—Luka 6:35.

⁶ Mu buryo bwihariye, Yehova yishimira guha abagaraga be bizerwa ibyo bakeneye. Umwami Dawidi yaravuze ati “nabaye umusore none ndashaje, nyamara sinigeze mbona umukiranutsi ateranwa burundu, cyangwa ngo urubyarwo rwe rusabirize ibyokurya” (Zab 37:25). Hari Abakristo benshi b’indahemuka biboneye ko Yehova abitaho. Reka dufate urugero.

⁷ Mu myaka runaka ishize, umupayiniya w’igihe cyose witwa Nancy yahuye n’ikibazo. Yaravuze ati “nari nkeneye amadolari 66 y’Amanyamerika (hafi 41.976 Frw) yo kwishyura inzu, nkaba naragombaga kwishyura ku muni ukurikiyeho. Sinari nzi aho nari kuyakura. Nasenze Yehova mu bwira icyo kibazo, hanyuma njya ku kazi nakoraga ko guhereza abantu ibyokurya muri resitora. Sinari niteze ko abakiriya bagira amafaranga y’ishimwe bampa kuri uwo mugoroba, kuko nta bakiriya twakundaga kubona kuri uwo muni. Natangajwe n’uko haje abakiriya benshi kuri uwo mugoroba.

5. Ni mu buhe buryo Yehova agaragaza ko agira ubuntu?

6, 7. (a) Ni ba nde mu buryo bwihariye Yehova yishimira guha ibyo bakeneye? (b) Tanga urugero rugaragaza ukuntu Imana iha abagaragu bayo b’indahemuka ibyo bakeneye.



Abisirayeli bashishikarizwaga kwigana umuco wa Yehova wo kugira ubuntu
(Reba paragarafu ya 9)

Igihe nari ndangije akazi, nateranyije amafaranga nari nabonye maze nsanga angana n’amadolari 66 y’Amanyamerika!” Nancy yemera ko Yehova ari we wamugiriye ubuntu, agatuma abona umubare nyawo w’amafaranga yari akeneye.—Mat 6:33.

⁸ Buri muntu ashobora kubona impano iruta izindi zose igaragaza ko Yehova agira ubuntu. Iyo mpano ni iyihe? Ni igitambo cy’incungu cy’Umwana we. Yesu yagize ati “Imana yakunze isi cyane ku buryo yatanze Umwana wayo w’ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo abone ubuzima bw’iteka” (Yoh 3:16). Ijambo “isi” ryakoreshejwe muri uwo murongo ryerekeza ku bantu. Koko rero, abantu bese baha agaciro impano iruta izindi zose igaragaza ko Yehova agira ubuntu, bashobora kuyibona. Abantu bese bizera Yesu bazabona ubuzima bwinshi, ni ukuvuga ubuzima bw’iteka (Yoh 10:10). Mu by’ukuri se, hari ikindi kintu kigaragaza ko Yehova agira ubuntu cyaruta icyo?

8. Ni iyihe mpano iruta izindi zose igaragaza ko Yehova agira ubuntu?

“Ibyo mukora byose mubikorane ubugingo bwanyu bwose.”
—Kolo 3:23
(Reba paragarafu ya 17)

“Ujye wubahisha Yehova ibintu byawe by’agaciro.”—Imig 3:9
(Reba paragarafu ya 11)



TWIGANE UMUCO WA YEHOVA WO KUGIRA UBUNTU

⁹ Twakwigana dute umuco wa Yehova wo kugira ubuntu? Yehova ‘aduha ibintu byose akadukungahaza kugira ngo *tubyishimire*.’ Ku bw’ibyo, twagombye kuba ‘twiteguye gusangira’ n’abandi, bityo tugatuma *bishima* (1 Tim 6:17-19). Twishimira gukoresha ubutunzi bwacu duha impano abo dukunda, kandi tugafasha abafite ibyo bakeneye. (Soma mu Gutegeka kwa Kabiri 15:7.) Ni iki cyadufasha kujya twibuka kugira ubuntu? Hari Abakristo babigenza batya: igihe cyose bahawe impano, na bo bahita batekereza undi muntu baha impano. Itorero rya gikristo ririmo abavandimwe na bashiki bacu benshi bagira ubuntu.

¹⁰ Bumwe mu buryo bwiza cyane bwo kugira ubuntu ni ukubigaragaza mu byo

9. Twakwigana dute umuco wa Yehova wo kugira ubuntu?

10. Bumwe mu buryo bwiza cyane bwo kugira ubuntu ni ubuhe?

tuvuga no mu byo dukora. Twabigeraho dute? Twabigeraho dukoresha igihe cyacu n’imbaraga zacu dufasha abandi kandi tukabatera inkunga (Gal 6:10). Kugira ngo twisuzume, dushobora kwibaza tuti “ese abandi babona ko mba niteguye kubatega amatwi mu gihe bambwira ibibahangayikishije? Iyo umuntu ansabye kumufasha umurimo runaka cyangwa kujya kumuha hira, ese ndabyemera igihe cyose bishoboka? Ni ryari mperutse gushimira mbikuye ku mutima umwe mu bagize umuryango wanjye cyangwa uwo duhuje ukwizera?” Iyo dufite “akamenyerero ko gutanga,” tugirana imishyikirano ya bugufi na Yehova ndetse n’incuti zacu.—Luka 6:38; Imig 19:17.

¹¹ Nanone kandi, dushobora kugira ubuntu tugira icyo duha Yehova. Ibyanditswe bitugira inama igira iti “ujye wubahisha Yehova ibintu byawe by’agaciro” (Imig 3:9). Muri ibyo ‘ibintu by’agaciro’ hakubiyemo

11. Ni mu buhe buryo dushobora kugira ubuntu tugira icyo duha Yehova?

igihe cyacu, imbaraga zacu n’ubutunzi bwa-cu, ibyo byose tukaba dushobora kubikore-sha mu murimo we. Ndetse n’abana bato bashobora kwitoza kugira ubuntu bagira icyo baha Yehova. Hari umubyeyi witwa Jason wagize ati “iyu umuryango wacu uri bu-tange impano mu Nzu y’Ubwami, turareka abana bacu akaba ari bo bashyira amafara-nga mu gasanduku k’impano. Barabyishi-mira kubera ko nk’uko babyivugira, baba bagize icyo baha Yehova.” Abana bishimira kugira icyo baha Yehova bakiri bato, baba bashobora no kuzakomeza kubikora bama-ze gukura.—Imig 22:6.

YEHOVA ASHYIRA MU GACIRO

12 Undi mucu uhebuje wa Yehova ni ugu-shyira mu gaciro. Gushyira mu gaciro biso-banura iki? Muri *Bibiliya—Ubuhinduzi bw’i-si nshya*, ijambo ry’ikigiriki rihindurwamo “gushyira mu gaciro” rifashwe uko ryaka-baye risobanura “kuva ku izima” (Tito 3: 1, 2). Umuntu ushyira mu gaciro ntahora atsimbarara ku mategeko cyangwa ngo abe umuntu utagoragozwa, ukagatiza cyangwa w’umunyamwaga. Ahubwo, yihatira kuba-na neza n’abandi, akazirikana imimerere barimo. Aba yiteguye gutega abandi ama-twi, kandi byaba ngombwa akabemerera ibyo bifuzwa.

13 Yehova agaragaza ate ko ashyira mu gaciro? Azirikana ibiyumvo by’abagaragu be, kandi incuro nyinshi akabaha ibyo bi-fuzwa. Urugero, reka turebe ibyo Yehova ya-koreye umukiranutsi Loti. Igihe Yehova yi-yemezaga kurimbura imigi ya Sodoma na Gomora, yahaye Loti amabwiriza yumvika-naga neza yo guhungira mu misozi. Ari-ko bitewe n’impamvu runaka, Loti yingi-nze Yehova ngo amureke ahungire ahandi. Tekereza nawe! Mu by’ukuri, Loti yari asa-bye Yehova guhindura amabwiriza yari ya-muhaye.—*Soma mu Ntangiro 19:17-20*.

12. Gushyira mu gaciro bisobanura iki?

13, 14. (a) Yehova agaragaza ate ko ashyira mu gaciro? (b) Ibyo Imana yakoreye Loti bitwi-gisha iki ku birebana no gushyira mu gaciro?

14 Hari uwahita avuga ko Loti yari umu-nyantege nke cyangwa ko atumviraga. Mu by’ukuri, nta mpamvu yari afite yo kugira ubwoba kuko Yehova yari kumurindira aho ari ho hose. Ariko kandi, Loti yagize ubwo-ba kandi Yehova yazirikanye ibiyumvo bye. Yamwemereye guhungira mu mugu ya-shakaga kurimbura. (*Soma mu Ntangiro 19:21, 22*.) Ibyo bigaragaza ko Yehova atajya akagatiza cyangwa ngo atsimbarare ku byo yavuze. Ava ku izima kandi ashyira mu ga-ciro.

15 Reka dusuzume urundi rugero ruga-ragaza ko Yehova ashyira mu gaciro, ruri mu Mategeko ya Mose. Iyo Umwisirayeli ya-baga ari umukene ku buryo atashoboraga kubona umwana w’intama cyangwa ihene yo gutangaho igitambo, yashoboraga guta-nga intungura ebyiri cyangwa inuma ebyi-ri. Naho se iyo yabaga ari umukene cya-ne ku buryo atashoboraga kubona n’izo numa ebyiri? Icyo gihe, Yehova yemereraga uwo Mwisirayeli w’umukene gutanga aga-fu gake. icyakora, uzirikane iki kintu cy’i-ngenzi: ntiyari ifu iyo ari yo yose, ahubwo yagombaga kuba ari “ifu inoze,” nk’iyako-reshwaga mu kuzimanira abashyitsi b’ime-na (Intang 18:6). Kuki urwo rugero rwadu-fasha?—*Soma mu Balewi 5:7, 11*.

16 Tekereza uri Umwisirayeli kandi uka-ba ukennye. Ugeze mu ihema ry’ibonani-ro ufite agafu gake ko gutangaho ituro, no-nehu ubona Abisirayeli bakize bo bazanye amatungo. Wumvise ufite ipfunwe kube-ra ko iryo turo ryawe ry’ifu risa n’aho nta gaciro rifite. Ariko wibutse ko ituro ryawe rifite agaciro mu maso ya Yehova. Kube-ra iki? Ni ukubera ko Yehova yasabaga ko iyo fu iba ari nziza cyane. Ni nk’aho Yeho-va yabaga abwira Abisirayeli b’abakene ati “nzi neza ko mudashobora gutanga ibinga-na n’iby’abandi, ariko nanone nzi ko mu-shobora kumpa ibyiza kurusha ibindi.” Mu by’ukuri, Yehova agaragaza ko ashyira mu

15, 16. Amategeko ya Mose yagaragazaga ate ko Yehova ashyira mu gaciro? (Reba ifoto ibi-mburira iki gice.)

gaciro azirikana aho ubushobozi bw'abagaragu be bugarukira n'imimerere barimo.—Zab 103:14.

¹⁷ Dushobora guterwa inkunga no kumenya ko umuco wa Yehova wo gushyira mu gaciro utuma yemera umurimo tumukorera tubigiranye ubugingo bwacu bwose (Kolo 3:23). Mushiki wacu ugeze mu za bukuru wo mu Butaliyani witwa Constance yagize ati “kubwira abandi ibihereranye n'Umuremyi wanjye ni cyo kintu kinshimisha kuruta ibindi. Ni yo mpamvu nkomeza kubwiriza no kwigisha abantu Bibiliya. Rimwe na rimwe, mbabazwa n'uko ntashobora gukora byinshi bitewe n'ibibazo by'uburwayi. Ariko kandi, nzi ko Yehova azi neza aho ubushobozi bwanjye bugarukira kandi ko ankunda, akanishimira ibyo nshoboye gukora.”

TWIGANE UMUCO WA YEHOVA WO GUSHYIRA MU GACIRO

¹⁸ Twakwigana dute umuco wa Yehova wo gushyira mu gaciro? Ongera utekereze ku byo Yehova yakoreye Loti. Yehova ni we wari ufite uburenganzira bwo kubwira Loti icyo akora; nyamara kandi, yateze Loti amatwi igihe yamubwiraga ibyifuzo bye, kandi yamukoreye ibyo yifuzaga. Ese niba uri umubyeyi, ushobora kwigana urugero rwa Yehova? Ese ushobora gutega amatwi abana bawe mu gihe hari icyo bagusaba, byaba ngombwa ukabakorera ibyo bifuzaga? Mu birebana n'ibyo, igazeti y'*Umunara w'Umurinz* yo ku itariki ya 1 Nzeri 2007 yavuze ko ababyeyi bashobora kungurana ibitekerezo n'abana babo mu gihe bashyiraho amategeko agenga umuryango. Urugero, mu gihe ababyeyi bifuje kugena isaha abana babo bagomba gutahiraho, baba bafite uburenganzira bwo kuyibashyiraho. Ariko nubwo bimeze bityo, ababyeyi b'Abakristo bashobora kumva ibitekerezo abana babo batanga ku birebana n'icyo saha. Mu

17. Ni uwuhe murimo Yehova yemera?

18. Ababyeyi bakwigana bate umuco wa Yehova wo gushyira mu gaciro?

mimerere imwe n'imwe, ababyeyi bashobora guhindura icyo saha, mu gihe byaba bitanyuranyije n'amahame ya Bibiliya. Ababyeyi bashobora kubona ko icyo bazirikanye ibitekerezo by'abana babo mu gihe bashyiraho amategeko agenga umuryango, kuyasobanukirwa no kuyumvira birushaho kuborohera.

¹⁹ Abasaza b'itorero bihatira kwigana umuco wa Yehova wo gushyira mu gaciro bazirikana imimerere bagenzi babo bahuje ukwizera barimo. Wibuke ko n'amaturu yatangwaga n'Abisirayeli babaga bakennye cyane Yehova yayahaga agaciro. Mu buryo nk'ubwo, hari abavandimwe na bashiki bacu baba badashobora gukora byinshi mu murimo wo kubwiriza, wenda bitewe n'uburwayi cyangwa imyaka y'iza bukuru. Byagenda bite se niba abo bavandimwe na bashiki bacu dukunda bumva bibaciye intege? Abasaza bashobora kubizeza ko Yehova abakunda kubera ko bamuha ibyiza kurusha ibindi.—Mar 12:41-44.

²⁰ Birumvikana ko tutagomba kwitiranyira gushyira mu gaciro no kudakora byinshi mu murimo w'Imana, bitewe no kwibabarira (Mat 16:22). Ntitwifuzaga kwidamararira ngo tureke gukora byinshi mu murimo ngo aha turashyira mu gaciro. Ahubwo, twese tugomba 'guhata cyane' kugira ngo dushyigikire inyungu z'Ubwami (Luka 13:24). Mu by'ukuri, hari ibintu bibiri tugomba kuzirikana. Ku ruhande rumwe, duhatanira gukora byinshi mu murimo wacu. Ku rundi ruhande, twibuka ko Yehova atigera adusaba ibirenze ibyo dushoboye. Iyo tumuhaye ibyiza kurusha ibindi, dushobora kwiringira tudashidikanya ko bimushimisha. Ese ntitwishimira gukorera Databuja nk'uwo ushimira kandi ushyira mu gaciro? Mu gice gikurikira tuzasuzuma indi mico ibiri ihebuje ya Yehova.—Zab 73:28.

19. Abasaza bakwihatira bate kwigana umuco wa Yehova wo gushyira mu gaciro?

20. Ese gushyira mu gaciro bisobanura kwifata, umuntu ntakore byinshi mu murimo w'Imana? Sobanura.



JYA WISHIMIRA UMUCO WA YEHOVA W'UBUDAHEMUKA N'UWO KUBABARIRA

“Yehova, uri mwiza kandi witeguye kubabarira. Ineza yuje urukundo ugaragariza abakwambaza bose ni nyinshi.”—ZAB 86:5.

ESE WASOBANURA?

Twakwigana dute umuco wa Yehova w'ubudahemuka?

Twakwigana dute umuco wa Yehova wo kubabarira?

Kuki wifuza gukomeza kwishimira imico ya Yehova?

INCUTI nyakuri ni iyihe? Hari Umukristokazi witwa Ashley wagize ati “jye mbona ko incuti nyakuri ari umuntu uhora akuri hafi kandi akakubabarira mu gihe wakosheje.” Twese twishimira incuti zirangwa n'ubudahemuka kandi zibabarira. Zituma twumva dufite amahoro kandi dukunzwe.—Imig 17:17.

² Yehova ni we Ncuti y'indahemuka kandi ibabari-ra kuruta izindi zose. Umwanditsi wa zaburi yabivuze agira ati “Yehova, uri mwiza kandi witeguye kubabarira. Ineza yuje urukundo [cyangwa “urukundo rudahemuka”] ugaragariza abakwambaza bose ni nyinshi” (Zab 86:5). Ubudahemuka no kubabarira bisobanura iki? Yehova agaragaza ate iyo mico ihebuje? Twamwigana dute? Ibisubizo by'ibyo bibazo bizadufasha kurushaho gukunda Incuti yacu iruta izindi zose, ari yo Yehova. Nanone kandi, bizadufasha gushimangira ubucuti dufitanye na bagenzi bacu duhuje ukwizera.—1 Yoh 4:7, 8.

YEHOVA NI INDAHEMUKA

³ Ubudahemuka ni umuco ushishikaje ukubiyemo kwitanga, kuba uwizerwa no kutanamuka ku muntu cyangwa ku kintu. Umuntu w'indahemuka ntahindagurika. Ahubwo yizirika ku muntu (cyangwa ku kintu) abigiranye urukundo, akomatana n'uwo muntu (cyangwa n'icyo kintu), ndetse no mu mimerere igoye. Mu by'ukuri, Yehova ni we 'ndahemuka' kuruta abandi bose.—Ibyah 16:5.

⁴ Yehova agaragaza ate ko ari indahemuka? Ntiyigera atererana abagaragu be bizerwa. Umwe muri abo bagaragu be, ni ukuvuga Umwami Dawidi, yahamije ko Yehova ari indahemuka. (**Soma muri 2 Samweli 22:26.**)

1, 2. (a) Kuki twishimira incuti zirangwa n'ubudahemuka kandi zibabarira? (b) Ni ibihe bibazo turi busuzume?

3. Kuba indahemuka bisobanura iki?

4, 5. (a) Yehova agaragaza ate ko ari indahemuka? (b) Gutekereza ku bikorwa bigaragaza ko Imana ari indahemuka bi-shobora bite kutwongerera imbaraga?

Mu bigeragezo Dawidi yahuye na byo, Yehova yakomeje kumubera indahemuka aramuyobora, aramurinda kandi aramukiza (2 Sam 22:1). Dawidi yari azi ko kuba Yehova ari indahemuka bitari amagambo gusa. Kuki Yehova yabereye Dawidi indahemuka? Ni ukubera ko Dawidi na we yari ‘umuntu w’indahemuka.’ Yehova yishimira ubudahemuka bw’abagaragu be, kandi bituma na we ababera indahemuka.—Imig 2:6-8.

⁵ Gutekereza ku bikorwa bigaragaza ko Yehova ari indahemuka bishobora kutwongerera imbaraga. Hari umuvandimwe wizerwa witwa Reed wagize ati “iyi nsomye ibintu Yehova yakoreye Dawidi igihe yari mu makuba, biramfasha cyane. Ndetse n’igihe Dawidi yahungaga, agenda yihishahisha mu buvumo, Yehova yakomeje kumushyigikira. Ibyo bintera inkunga cyane. Binyibutsa ko uko imimerere naba ndimo yaba iri kose n’ibibazo nahura na byo byose, Yehova azahora ari kumwe nanjye igihe cyose nzakomeza kumubera indahemuka.” Nta gushidikanya ko nawe ari uko wiyumva.—Rom 8:38, 39.

⁶ Ni mu buhe buryo bundi Yehova agaragaza ko ari indahemuka? Ntatezuka ku mahame ye. Atwizeza ko ‘n’igihe tuzaba tugeze mu za bukuru, azaba akiri wa wundi’ (Yes 46:4). Buri gihe afata imyanzuro ashingiye ku mahame ye adahindagurika agenga icyiza n’ikibi (Mal 3:6). Nanone kandi, Yehova agaragaza ko ari indahemuka asohozza amasezerano ye (Yes 55:11). Ku bw’ibyo, kuba Yehova ari indahemuka bigirira akamaro abagaragu be bese bizerwa. Mu buhe buryo? Iyo dukoze uko dushoboye kose tugakurikiza amahame ya Yehova, dushobora kwiringira ko azaduha imigisha adusezeranya.—Yes 48:17, 18.

TWIGANE UBUDAHEMUKA BWA YEHOVA

⁷ Twakwigana dute ubudahemuka bwa

6. Ni mu buhe buryo bundi Yehova agaragaza ko ari indahemuka, kandi se bigirira abagaragu be akahe kamaro?

7. Twakwigana dute ubudahemuka bw’Imana?

Yehova? Twamwigana dufasha abafite ibibazo (Imig 3:27). Urugero, ese waba uzi mugenzi wawe muhuje ukwizera wacitse intege, wenda bitewe n’uburwayi, kurwanywa n’abagize umuryango we, cyangwa bitewe n’amakosa yakoze? Kuki utafata iya mbere ukamubwira “amagambo meza, ahumuriza”* (Zek 1:13)? Nubigenza utyo, uzaba ugaragaje ko uri incuti nyakuri kandi y’indahemuka, ya yindi “inamba ku muntu ikamurutira umuvandimwe.”—Imig 18:24.

⁸ Nanone kandi, dushobora kwigana ubudahemuka bwa Yehova dukomeza kubera indahemuka abo dukunda. Urugero, niba twarashatse, tuzi ko tugomba gukomeza kubera indahemuka uwo twashakanye (Imig 5:15-18). Ku bw’ibyo, twirinda ikintu icyo ari cyo cyose cyatuma dukora icyaha cy’ubuhehesi (Mat 5:28). Ikindi kandi, tubera indahemuka bagenzi bacu duhuje ukwizera twirinda kubavugaho amagambo y’amazimwe cyangwa kubasebya, tukirinda gukwirakwiza amagambo nk’ayo mabi cyangwa kuyategera amatwi.—Imig 12:18.

⁹ Ikiruta byose, twifuza gukomeza kubera Yehova indahemuka. Twabigeraho dute? Twabigeraho twihatira kubona ibintu nk’uko abibona, mbese tugakunda ibyo akunda kandi tukanga ibyo yanga, hanyuma tukabaho mu buryo buhuje n’uko ashaka. (**Soma muri Zaburi ya 97:10.**) Uko tugenda turushaho kugira ibitekerezo n’ibiyumvo nk’ibya Yehova, ni na ko tuzarushaho kumvira amategeko ye.—Zab 119:104.

* Niba ushaka ibitekerezo byagufasha mu birebana n’ibyo, reba igice gifite umutwe uvuga ngo “Duterane Ishyaka ryo Gukundana n’Iry’Imirimo Myiza—Mu Buhe Buryo?,” mu igazeti y’*Umunara w’Umurinzizi* yo ku itariki ya 1 Ukwakira 1995.

8. Twakwigana dute ubudahemuka bwa Yehova, urugero nko mu ishyingiranwa?

9, 10. (a) Ni nde cyane cyane twifuza gukomeza kubera indahemuka? (b) Kuki kumvira amategeko ya Yehova atari ko buri gihe bizajya bitworohera?

“Habaho incuti inamba ku muntu ikamurutira umuvandimwe.”

—Imig 18:24.

(Reba paragarafu ya 7)

‘Mubabarirane rwose.’—Efe 4:32.

(Reba paragarafu ya 16)

¹⁰ Mu by’ukuri, kumvira amategeko ya Yehova si ko buri gihe bizajya bitworohera. Hari igihe biba ngombwa ko duhata na kugira ngo dukomeze kuba indahemuka. Urugero, hari Abakristo b’abaseribateri baba bifuza gushaka, ariko bakaba batatabona uwo bakwiranye mu bagaragu ba Yehova (1 Kor 7:39). Mushiki wacu w’umuseribateri ashobora kubona ko abo bakorana batizera bhora bashaka kumuhuza n’uwo bumva ko yashakana na we. Uwo mushiki wacu ashobora kuba ahanganye n’ikibazo cyo kumva ari wenyine. Ariko kandi, akomeza gushyiraho imihati kugira ngo abere Yehova indahemuka. Ese ntitwishimira abantu nk’abo b’intangarugero mu kugaragaza ubudahemuka? Nta gushidikanya ko Yehova azagororera abantu bose bakomeza kumubera indahemuka nubwo baba bahanganye n’ibibazo.—Heb 11:6.

YEHOVA ARABABARIRA

¹¹ Umwe mu mico ihebuje ya Yehova ni ukuntu aba yiteguye kubabarira. Kubabari-

11. Kubabarira bisobanura iki?

ra bisobanura iki? Muri rusange, umuntu ubabarira ntakomeza kurakarira uwamukoshereje iyo yihannye by’ukuri. Ibyo nti-bishatse kuvuga ko yirengagiza ikosa ryakozwe cyangwa ngo ahakane ko ryakozwe. Ahubwo ahitamo kutabika inzika. Ibyanditswe bitubwira ko Yehova ‘yiteguye kubabarira’ abihana by’ukuri.—Zab 86:5.

¹² Yehova agaragaza ate ko ababarira? Iyo Yehova ababariye, aba ababariye “rwose”; ababarira *mu buryo bwuzuye* kandi *budasubirwaho* (Yes 55:7). Tubwirwa n’iki ko Yehova ababarira *mu buryo bwuzuye*? Reka turebe gihamya dusanga mu **Byakozwe 3: 19. (Hasome.)** Intumwa Petero yateye abari bamuteze amatwi inkunga yo ‘kwiha na maze bagahindukira.’ Iyo umunyabyaha yihannye by’ukuri, ababazwa cyane n’amakosa yakoze. Nanone yiyemeza kutazongera kuyakora (2 Kor 7:10, 11). Byongeye kandi, iyo uwakoze icyaha yihannye by’ukuri ‘arahindukira,’ akareka ibikorwa

12. (a) Yehova agaragaza ate ko ababarira? (b) ‘Guhanagura’ ibyaha by’umuntu bisobanura iki?

bye bibi maze agakora ibishimisha Imana. Byari kugendekera bite abari bateze Petero amatwi iyo baza kwihana by'ukuri banyo? Petero yavuze ko ibyaha byabo byari 'guhanagurwa.' Iryo jambo rituruka ku ijambo ry'ikigiriki risobanura "gusiba." Ku bw'ibyo, iyo Yehova ababariye umuntu, ni nk'aho aba asibye ibyaha bye. Aramubabarira mu buryo bwuzuye.—Heb 10:22; 1 Yoh 1:7.

¹³ Tubwirwa n'iki ko Yehova ababarira mu buryo budasubirwaho? Reka turebe ubuhanuzi bwa Yeremiya buvuga ibirebana n'isezerano rishya Yehova yagiranye n'Abakristo basutsweho umwuka, rituma abizera incungu bababarirwa by'ukuri. (**Soma muri Yeremiya 31:34.**) Yehova yagize ati "nzabababarira amakosa yabo, kandi ibyaha byabo sinzabyibuka ukundi." Ku bw'ibyo, Yehova atwizeza ko iyo atubabariye ibyaha, aba atazabaturyoza nyuma yaho. Ntakomeza gutekereza kuri ibyo byaha kugira ngo ahore abiduhana. Ahubwo Yehova atubabarira ibyo byaha maze akabishyira inyuma ye, mbese akabitubabarira mu buryo budasubirwaho.—Rom 4:7, 8.

¹⁴ Gutekereza ku muco wa Yehova wo kubabarira bishobora kuduhumuriza. Reka dufate urugero. Mu myaka yashize, mushiki wacu turi bwite Elaine yigeze gucibwa mu itorero. Hashize imyaka runaka, yaragaruwe. Elaine agira ati "nubwo mu mutima wanjye niyumvishaga ko Yehova yambabariye kandi nkabibwira abandi, nahoraga numva mu buryo runaka ari kure yanjye, cyangwa nkumva ko abandi ari bo bafitanye imishyikirano ya bugufi na we." icyakora, Elaine yahumuriye no gusoma kandi agatekereza kuri zimwe mu mvugo z'ikigereranyo zikoreshwa muri Bibiliya, zigaragaza ukuntu Yehova ababarira. Elaine yakomeje agira ati "numvise Yehova anku-

^{13.} Amagambo ngo "ibyaha byabo sinzabyibuka ukundi" atwizeza iki?

^{14.} Gutekereza ku muco wa Yehova wo kubabarira byaduhumuriza bite? Tanga urugero.

nda kandi akanyitaho abigiranye ubwuzu, mu rugero ntari narigeze byiyumvishamo mbere hose." Yafashijwe cyane cyane n'amagambo agira ati "iyi Yehova atubabariye ibyaha byacu, nitugomba kumva tugifite ikizinga cy'ibyo byaha mu gihe kiba gisigaye cy'ubuzima bwacu."* Elaine agira ati "nasanze ntaremeraga ko Yehova ashobora kumbabarira mu buryo bwuzuye, kandi natekerezaga ko nari kwikorera uwo mutwari ubuzima bwanjye bwose. Nubwo bizafata igihe, ubu natangiye kumva ko nshobora rwose kugirana imishyikirano ya bugufi na Yehova, kandi numva naratwawe umutwari nari nikoreye." Mbega ukuntu Imana dukorera yuje urukundo kandi ibabarira!—Zab 103:9.

TWIGANE UMUCO WA YEHOVA WO KUBABARIRA

¹⁵ Dushobora kwigana umuco wa Yehova wo kubabarira duhitamo kubabarirana igihe cyose uwakosheje yihanywe by'ukuri. (**Soma muri Luka 17:3, 4.**) Wibuke ko iyo Yehova atubabariye, yibagirwa ibyaha byacu mu buryo bw'uko atabituryoza nyuma yaho. Iyo tubabariye abandi, natwe dushobora kwibagirwa ibyo badukoreye tubishyira inyuma yacu, kandi nituzongere kubigarukaho.

¹⁶ Kubabarira ntibisobanura ko twirengagiza amakosa twakorewe cyangwa ngo twemere kurenganywa. Ahubwo bisobanura ko duhitamo kutabika inzika. Dukwiriye kwibuka ko, kugira ngo Imana itubabarire, tugomba kwigana umuco wayo wo kubabarira mu mibanire yacu n'abandi (Mat 6:14, 15). N'ubundi kandi, impuhwe

* Reba igitabo *Egera Yehova*, igice cya 26, paragarafu ya 10.

^{15.} Twakwigana dute umuco wa Yehova wo kubabarira?

^{16.} (a) Ese kubabarira bisobanura ko twirengagiza amakosa twakorewe cyangwa ngo twemere kurenganywa? Sobanura. (b) Ni iki tugomba gukora kugira ngo Imana itubabarire amakosa yacu?



Nimucyo tujye dusenga dusabira
abadukoshereje tubivanye ku mutima
(Reba paragarafu ya 17)

za Yehova zituma yibuka ko “turi umukungugu” (Zab 103:14). Ku bw’ibyo se, impuhwe ntizagombye gutuma twihanganira intege nke z’abandi, maze tukabababarira tubivanye ku mutima?—Efe 4:32; Kolo 3:13.

¹⁷ Mu by’ukuri, kubabarira si ko buri gihe biba byoroshye. Uko bigaragara, hari n’Abakristo basutsweho umwuka bo mu kinyejana cya mbere bagiranye ibibazo, kubikemura birabagora (Fili 4:2). Ni iki cyadufasha mu gihe mugenzi wacu duhuje ukwizera adukoshereje? Reka dufate urugero rwa Yobu. Igihe abiyitaga incuti ze, ari bo Elifazi, Biludadi na Zofari bamushinja-

17. Ni iki cyadufasha mu gihe mugenzi wacu duhuje ukwizera adukoshereje?

ga ibinyoma, yarababaye cyane (Yobu 10:1; 19:2). Amaherezo, Yehova yacyashye abo bashinjaga Yobu ibinyoma. Imana yabategetse kumusanga, maze bagatamba ibitambo by’ibyaha byabo (Yobu 42:7-9). Ariko Yehova yanasabye *Yobu* kugira icyo akora. Yamusabye gukora iki? Yehova yamutegetse gusenga asabira abamushinjaga ibinyoma. Yobu yakoze ibyo Yehova yari amusabye, kandi Yehova yaramugororeye bitewe n’uko yari yemeye kubabarira. (**Soma muri Yobu 42:10, 12, 16, 17.**) Ibyo bitwigisha iki? Iyo dusenze dusabira uwadukoshereje tubivanye ku mutima, bishobora gutuma tudakomeza kubika inzika.

KOMEZA KWISHIMIRA IMICO YA YEHOVA MU BURYO BWUZUYE

¹⁸ Nta gushidikanya ko twishimiye gusuzuma imwe mu mico ihebuje ya Yehova. Twabonye ko yishyikirwaho, ko atarobanura ku butoni, ko agira ubuntu, ko ashyira mu gaciro, ko ari indahemuka, kandi ko ababarira. Birumvikana ko hakiri byinshi byo kwiga ku bihereranye n’imico ye. Tuzishimira kumenya byinshi kurushaho ku byerekeye Yehova mu gihe cy’iteka ryose (Umubw 3:11). Twemeranya n’intumwa Pawulo wanditse ati “mbega ukuntu ubutunzi n’ubwenge n’ubumenyi by’Imana byimbitse!” Ibyo ni na ko bimeze ku birebana n’umuco wa Yehova w’urukundo, n’indi mico ye itandatu twasuzumye.—Rom 11:33.

¹⁹ Nimucyo twese dukomeze kurushaho kwishimira imico ihebuje ya Yehova. Kugira ngo tuyishimire, tugomba kuyisobanukirwa, tukayitekerezaho, kandi tukitoza kuyigaragaza mu mibereho yacu (Efe 5:1). Nitubigenza dutyo, nta gushidikanya ko tuzarushaho kwemeranya n’umwanditsi wa zaburi waririmbye ati “jyeweho, kwegera Imana ni byo byiza kuri jye.”—Zab 73:28.

18, 19. Ni iki twakora kugira ngo dukomeze kwishimira imico ihebuje ya Yehova?

“Abana b’Imana y’ukuri” bavugwa mu Ntangiriro 6:2, 4 babayeho mbere y’Umwuzure ni ba nde?

■ Hari ibintu bigaragaza ko ayo magambo yerekeza ku bana b’Imana bo mu buryo bw’umwuka. Ariko se ibyo bintu ni ibihe?

Uwa mbere muri iyo mirongo yombi ugira uti “abana b’Imana y’ukuri babona ko abakobwa b’abantu ari beza, maze bafata abo batoranyije bose babagira abagore babo.”—Intang 6:2.

Mu Byanditswe by’igiheburayo, amagambo ngo “abana b’Imana y’ukuri” n’“abana b’Imana” tuyasanga mu Ntangiriro 6:2, 4; muri Yobu 1:6; 2:1; 38:7; no muri Zaburi ya 89:6. Ni iki iyo mirongo igaragaza ku birebana n’abo ‘bana b’Imana’?

Birumvikana ko “abana b’Imana y’ukuri” bavugwa muri Yobu 1:6, ari ibiremwa by’umwuka byari byakoranyeye imbere y’Imana. Satani na we yari kumwe na bo, avuye “kuzerera mu isi” (Yobu 1:7; 2:1, 2). Muri Yobu 38:4-7 na ho havuga ibirebana n’‘abana b’Imana barangururaga amajwi bayisingiza’ igihe ‘yashyiragaho ibuye rikomeza imfuruka’ z’isi. Biragaragara ko abo

bana b’Imana ari abamarayika, kuko abantu bari batararemwa. ‘Abana b’Imana’ bavugwa muri Zaburi ya 89:6 ni ibiremwa byo mu ijuru biba hamwe n’Imana, si abantu.

None se “abana b’Imana y’ukuri” bavugwa mu Ntangiriro 6:2, 4, ni ba nde? Dukurikije imirongo yo muri Bibiliya tumaze gusuzuma, bihujwe n’ubwenge gufata umwanzuro w’uko ayo magambo yerekeza ku bana b’Imana bo mu buryo bw’umwuka baje ku isi.

Hari abantu bumva ko abamarayika badashobora gushishikazwa n’imibonano mpuzabitsina. Amagambo ya Yesu ari muri Matayo 22:30, agaragaza ko mu ijuru badashaka cyangwa ngo bagire imibonano mpuzabitsina. Ariko kandi, hari igihe abamarayika bagiye bambara imibiri y’abantu, ndetse bagasangiye na bo ibyokurya n’ibyokunywa (Intang 18:1-8; 19:1-3). Ku bw’ibyo, bihujwe n’ubwenge gufata umwanzuro w’uko icyo gihe babaga bambaye imibiri y’abantu bashoboraga kugirana imibonano mpuzabitsina n’abagore.

Hari impamvu zishingiye kuri Bibiliya zituma twe-mera ko bamwe mu bamarayika babikoze. Muri Yuda 6, 7 hagereranya icyaha cy’abantu b’i Sodomu bari baratwawe n’irari ry’umubiri kugira ngo bawukoreshe ibyo utaremewe, n’icy’“abamarayika batagumye mu buturo bwabo bwa mbere, ahubwo bakava aho bari bagenewe kuba.” Icyo abo bantu b’i Sodomu bari bahuriyeho n’abo bamarayika, ni uko bose ‘bishoye mu busambanyi bukabije, bagatwarwa n’irari ry’umubiri kugira ngo bawukoreshe ibyo utaremewe.’ Muri 1 Petero 3:19, 20 na ho havuga iby’i-yo nkuru, hashyira isano hagati y’ibyo abamarayika batumviye bakoze, n’iminsi ya Nowa’ (2 Pet 2:4, 5). Ku bw’ibyo, imyifatire yo kutumvira y’abamarayika bo mu gihe cya Nowa ishobora kugereranywa n’icyaha abantu b’i Sodomu n’i Gomora bakoze.

Uwo mwanzuro uhuje n’ukuri kuko twabonye ko “abana b’Imana y’ukuri” bavugwa mu Ntangiriro 6:2, 4 ari abamarayika bambaye imibiri y’abantu maze bagasambana n’abagore.



Bibiliya ivuga ko Yesu ‘yabwirije imyuka yari mu nzu y’imbohe’ (1 Pet 3:19). Ni iki ibyo bisobanura?

■ Intumwa Petero yagaragaje ko iyo myuka ari ya yindi “itarumviye igihe Imana yakomezaga kwihangana mu minsi ya Nowa” (1 Pet 3:20). Uko bigaragara, Petero yavugaga ibiremwa by’umwuka byahisemo kwifatanya na Satani mu kwigomeka. Yuda yavuze ko abamarayika “batagumye mu buturo bwabo bwa mbere, ahubwo bakava aho bari bagenewe kuba,” Imana ‘yababoheye burundu mu mwijima w’icuraburindi, ibarindiye kuza-cirwaho iteka ku muni ukomeye.’—Yuda 6.

Ni mu buhe buryo ibiremwa by’umwuka byanze kumvira mu minsi ya Nowa? Mbere y’Umwuzure, ibyo biremwa by’umwuka bibi byambaye imibiri y’abantu, nubwo Imana itari yarigeze igambirira ko ibiremwa by’umwuka bikora ibintu nk’ibyo (Intang 6:2, 4). Byongeye kandi, abo bamarayika bagiranye imibonano mpuzabitsina n’abagore, bakoze ibyo imibiri yabo itaremewe. Imana ntiyigeze irema abamarayika igambiriye ko bagirana imibonano mpuzabitsina n’abagore (Intang 5:2). Abo bamarayika babi kandi batumviye bazarimbirwa igihe Imana yagennye nikigera. Nk’uko Yuda yabivuze, muri iki gihe bari “mu mwijima w’icuraburindi,” mu nzu y’imbohe yo mu buryo bw’ikigereranyo.

Ni ryari Yesu yabwirije iyo ‘myuka yari mu nzu y’imbohe,’ kandi se yayibwirije ate? Petero yanditse ko ibyo byabaye igihe Yesu yari amaze ‘guhindurwa muzima mu mwuka’ (1 Pet 3:18, 19). Nanone kandi, uzirikane ko Petero yavuze ko Yesu “yagiye kubwiriza.” Kuba yarakoresheje impitagihe bigaragaza ko Yesu yabwirije iyo myuka mbere y’uko Petero yandika urwandiko rwe rwa mbere. Ku bw’ibyo rero, birashoboka ko nyuma y’igihe runaka Yesu azutse, yatangariye iyo myuka mibi igihano gikwirirye izahabwa. Ntiyagiye kuyibwiriza agamije kuyigezaho ubutumwa bw’ibyiringiro. Yayimenyesheje iby’urubanza ruyitegereje (Yona 1:1, 2). Yesu amaze kugaragaza ukwizera n’ubudahemuka kugeza apfuye hanyuma akazurwa, bikaba byaragaragazaga ko Satani atamufiteho ububasha, yari afite impamvu yo gutangariza iyo myuka ubutumwa nk’ubwo bw’urubanza.—Yoh 14:30; 16:8-11.

Mu gihe kiri imbere, Yesu azaboha Satani n’abo bamarayika maze abajugunye ikuzimu (Luka 8:30, 31; Ibyah 20:1-3). Mbere y’uko icyo gihe kigera, ibyo biremwa by’umwuka bitumviye biri mu mwijima w’icuraburindi wo mu buryo bw’umwuka, kandi nta gushidikanya ko bazarimbirwa burundu.—Ibyah 20:7-10.





“Uzanyoboza inama zawe, kandi nyuma yaho uzangeza ku cyubahiro.”—ZAB 73:24.

WASUBIZA UTE?

Ni iki kigaragaza ko Umubumbyi Mukuru adahana abantu uko yishakiye cyangwa ngo agire uwo arenganya?

Kuki dukwiriye kwishimira ko Umubumbyi wacu ashobora ‘kwisubiraho’?

Twagombye kwitabira dute inama cyangwa igihano Yehova aduhaye?

JYA WEMERA KUGORORWA N’IGIHANO YEHOVA AGUHAYE

“JYEWEHO, kwegera Imana ni byo byiza kuri jye. Yehova, we Mwami w’Ikirenga, ni we nagize ubuhungiro bwanjye” (Zab 73:28). Muri ayo magambo, umwanditsi wa zaburi yagaragaje ko yiringiraga Imana. Ni iki cyatumye agera kuri uwo mwanzuro ukomeye? Uwo mwanditsi wa zaburi yabanje kumva ababaye cyane igihe yitegerezaga ukuntu abantu babi bari bafite amahoro. Yaravuze ati “umutima wanjye nawereje ubusa; kandi nakarabiye ubusa ibiganza byanjye ngaragaza ko ndi umwere” (Zab 73:2, 3, 13, 21). icyakora, igihe yajyaga mu “rusengeru rukomeye rw’Imana” byatumye ahindura imitekerereze ye, kandi akomeza kugirana imishyikirano ya bugufi n’Imana (Zab 73:16-18). Ibyo byigishije uwo muntu watinyaga Imana isomo ry’ingenzi rikurikira: kuba hamwe n’abagize ubwoko bw’Imana, kwemera inama no kuyukurikiza ni iby’ingenzi kugira ngo umuntu agirane imishyikirano ya bugufi na Yehova.—Zab 73:24.

² Natwe twifuza kugirana imishyikirano ya bugufi n’Imana nzima kandi y’ukuri. Kugira ngo tubigereho, tugomba kwemera kugororwa n’inama itugira cyangwa igihano iduha, bityo tukaba abantu yishimira. Mu bihe bya kera Imana yagiye iha abantu n’amahanga uburyo bwo kwemera igihano cyayo ibigiranye imbabazi. Inkuru zivuga uko babyitabiriye zanditswe muri Bibiliya kugira ngo ‘zitwigishe’ kandi ‘zitubere umuburo twebwe abasohoreweho n’imperuka y’ibihe’ (Rom 15:4; 1 Kor 10:11). Gusuzuma izo nkuru biri butume dusobanukirwa imico ya Yehova, kandi bitwereke inyungu dushobora kubona mu gihe twemeye kugororwa na we.

1, 2. (a) Ni iki dusabwa kugira ngo tugirane imishyikirano myiza na Yehova? (b) Gusuzuma inkuru zo mu Byanditswe zigaragaza ukuntu abantu bitabiriye igihano cy’Imana biri butumarire iki?

UKO UMUBUMBYI AKOYESHA UBUBASHA BWE

³ Muri Yesaya 64:8 hasobanura mu buryo bw'ikigereranyo ububasha Yehova afite ku bantu n'amahanga, hagira hati "Yehova, uri Data. Turi ibumba nawe ukaba Umubumbyi wacu. Twese turi umurimo w'amaboko yawe." Umubumbyi aba afite ububasha busesuye bwo gufata ibumba akarikoramo igikoresho cyose ashatse. Iryo bumba nta cyo ryabikoraho. Uko ni na ko bimeze ku birebana n'umuntu n'Imana. Umuntu ntashobora kugisha Imana impaka, nk'uko ibumba na ryo ridashobora kugisha impaka umubumbyi.—*Soma muri Yeremiya 18:1-6.*

⁴ Yehova yagaragarije Isirayeli ya kera ko yari afite ububasha bwo kubakorena nk'ibyho umubumbyi akorera ibumba. Ariko kandi, Yehova afite aho atandukaniye n'umubumbyi. Umubumbyi ashobora kuvana mu mugoma igikoresho cyose ashatse. Ese Yehova abumba abantu cyangwa amahanga uko yishakiye, bamwe akabagira beza, abandi akabagira babi? Bibiliya igaragaza ko atari ko biri. Yehova yahaye abantu impano nziza cyane yo kwihitiramo ibibanogeye. Ntakoresha ububasha bwe bw'ikirenga mu buryo butesha agaciro iyo mpano. Abantu baba bagomba kwihitiramo kugororwa n'Umuremyi, ari we Yehova.—*Soma muri Yeremiya 18:7-10.*

⁵ Bigenda bite iyo abantu binangiye bakanga kugororwa n'Umubumbyi Mukuru? icyo gihe se, Imana ikoresha ite ububasha bwayo? Tekereza uko byagenda ibumba ribaye ridakwiriyeye kugira ngo umubumbyi arikoremo igikoresho ashatse.

3. Muri Yesaya 64:8 no muri Yeremiya 18:1-6 hagaragaza hate ububasha Yehova afite ku bantu? (Reba ifoto ibimburira iki gice.)

4. Ese Imana ibumba abantu cyangwa amahanga uko yishakiye? Sobanura.

5. Yehova akora iki iyo abantu banze ko abagororwa?

ka. icyo gihe yaribumbamo ikindi gikoresho cyangwa akarita. Ariko kandi, akenshi iyo ibumba ritagize akamaro, umubumbyi ni we uba ufite ikosa. Uko si ko bimeze ku Mubumbyi wacu (Guteg 32:4). Iyo umuntu atemeye ko Yehova amugorora, uwo muntu ni we uba ufite ikosa. Yehova akoyesha ububasha afite ku bantu bugereranywa n'ubw'umubumbyi, akabagorora akurikije uko bitwara mu gihe abagorora. Abemera ko abagorora bavamo ibikoresho bifite akamaro. Urugero, Abakristo basutsweho umwuka ni 'inzabya z'imbabazi' zabumbwemo 'inzabya zikoreshwa iby'icyubahiro.' Ku rundi ruhande, abinangira bakanga kumvira Imana, amaherezo baba 'inzabya z'umujinya zikwiriyeye kurimbuka.'—Rom 9:19-23.

⁶ Yehova ashobora kugorora abantu abaha inama cyangwa igihano. Dushobora kubona ukuntu akoyesha ububasha bwe ku bantu agorora, dusuzumye uko yagoroye abami babiri ba mbere ba Isirayeli, ari bo Sawuli na Dawidi. Igihe Umwami Dawidi yasambanaga na Batisheba, ibyo yakozwe byamugizeho ingaruka, bizigira no ku bandi. Nubwo Dawidi yari umwami, ntibyabujije Yehova kumuhana atajenjetse. Imana yohereje umuhanuzi wayo Natani kwa Dawidi amushyiriyeye ubutumwa bukomeye (2 Sam 12:1-12). Dawidi yabyitwayemo ate? Ibyo yakozwe byaramubabajye cyane maze arihana. Imana yagiriye Dawidi imbabazi.—*Soma muri 2 Samweli 12:13.*

⁷ Ibinyuranye n'ibyho, uwo Umwami Dawidi yasimbuye, ari we Sawuli, yanze kumvira inama. Yehova yari yarategetse Sawuli binyuze ku muhanuzi Samweli ko yagombaga kurimbura Abamaleki bose n'amatungo yabo. Sawuli ntiyumviye iryo tegeko ry'Imana. Yarokoye Umwami Agagi, kandi arokora n'amatungo yari yatoranyije. Kubera iki? Ku ruhande rumwe,

6, 7. Ni mu buhe buryo butandukanye Umwami Dawidi n'Umwami Sawuli bitabiriye inama Yehova yabahaye?



Sawuli yapfobeje inama kandi yanga kuyumvira. Yanze kugororwa. (Reba paragarafu ya 7)

Dawidi yarababaye cyane maze yemera inama. Yemeye kugororwa n'Imana. Ese nawe ni uko? (Reba paragarafu ya 6)

yabikoze bitewe n'uko yashakaga kwihesha ikuzo (1 Sam 15:1-3, 7-9, 12). Igihe Sawuli yahabwaga inama, yagombaga kureka kwintangira, bityo akemera ko Umubumbyi Mukuru amugorora. Nyamara, Sawuli yanze kugororwa kandi atangiye kwisobanura. Yatekereje ko ibyo yari yakozwe byari byemewe yitwaje ko yashoboraga gutanga ayo matungo ho igitambo, maze apfobya inama Samweli yari amuhaye. Yehova yanze ko Sawuli akomeza kuba umwami, kandi ntiyongeye kugirana imishyikirano myiza n'Imana y'ukuri.—**Soma muri 1 Samweli 15:13-15, 20-23.**

IMANA NTIROBANURA KU BUTONI

⁸ Abantu si bo bonyine Yehova aha uburyo bwo kwemera kugororwa na we, ahu-

8. Uburyo ishyanga rya Isirayeli ryitwaje igihe Yehova yarigororaga, bitwigisha iki?

bwo abuha n'amahanga. Mu mwaka wa 1513 Mbere ya Yesu, Abisirayeli bavanywe mu bubata bwa Egiputa maze bagirana isezzerano n'Imana. Isirayeli yari ishyanga yitoranyirije kandi yari ifite imigisha yo kugororwa n'Imana. Yari imeze nk'ibumba riri ku ruziga rw'Umubumbyi Mukuru. icyakora, abari bagize iryo shyanga bakomeje gukora ibintu bibi mu maso ya Yehova, ndetse basenga imana z'amahanga yari abakikije. Yehova yagiye abatuma abahanuzi kugira ngo bisubireho, ariko ntibumvira (Yer 35:12-15). Abisirayeli bahawe igihano gikomeye bitewe no kwintangira kwabo. Kimwe n'urwabya rwari rukwiriye kurimbuka, ubwami bwo mu majyaruguru bwari bugizwe n'imiryango icumi bwigaruriwe n'Abashuri, kandi ubwami bwo mu majyepfo bwari bugizwe n'imiryango ibiri na bwo bwigaruriwe n'Abanyababuloni.

Ibyo byagombye kuduha isomo rikomeye. Kugira ngo twungukirwe n’ibyo Yehova akora ashaka kutugorora, tugomba kubyemera.

⁹ Nanone kandi, Yehova yahaye abantu b’i Nineve, umurwa mukuru wa Ashuri, uburyo bwo kumvira umuburo we. Ijambo rye ryageze kuri Yona rigira riti “haguruka ujye mu mugwi munini wa Nineve ubaburire, ubabwire ko ibibi byabo byazamutse bikangeraho.” Nineve yari yaraciriwe urubanza rwo kurimbuka.—Yona 1:1, 2; 3:1-4.

¹⁰ Nyamara kandi, igihe Yona yabwiraga abantu b’i Nineve ko bari bagiye kuri mburwa, ‘bizeye Imana, batangaza ko abantu bose biyiriza ubusa kandi bakambara ibigunira, guhera ku ukomeye muri bo kugeza ku woroheje.’ Umwami wabo ‘yaha-gurutse ku ntebe ye y’ubwami, yiyambura imyambaro ya cyami, yambara ibigunira, yicara mu ivu.’ Abantu b’i Nineve bemeye kugororwa na Yehova maze barihana. Ibyo byatumye Yehova atabateza ibyago.—Yona 3:5-10.

¹¹ Kuba Isirayeli yari ishyanga Yehova yitoranyirije ntibyatumye atayihana. Ku rundi ruhande, abantu b’i Nineve bo ntibari baragiranye isezerano n’Imana. Ariko kandi, Yehova yabagejejeho ubutumwa bwe bw’urubanza kandi igihe babaga nk’ibumba ryiza mu ntoki ze, yarabababariye. Izo ngero zombi zigaragaza ko Yehova Imana yacu ‘atagira uwo arenganya.’—Guteg 10:17.

YEHOVA ASHYIRA MU GACIRO KANDI AGAHUZA N’IMIMERERE

¹² Uburyo Imana iba yiteguye kutugororamo butwerekako ko ishyira mu gaciro

9, 10. Abantu b’i Nineve bitabiriye bate umuburo w’Imana?

11. Ibyo Yehova yakoreye Abisirayeli n’abantu b’i Nineve bigaragaza uwuhe mucu we?

12, 13. (a) Kuki Imana yisubiraho iyo abantu bemeye ko ibagororako? (b) Kuba Yehova “yisubiraho” byagize izihe ngaruka kuri Sawuli? Byamariye iki abantu b’i Nineve?

kandi ko ihuza n’imimerere. Ibyo bigaragazwa n’ibintu Yehova yagiye yiyemeza gukorera abantu akurikije amahame ye akiraruka, ariko nyuma yaho akabihindura bitewe n’imyifatire yabo. Ku birebana n’umwami wa mbere wa Isirayeli, ari we Sawuli, Ibyanditswe bivugako ko Yehova ‘yicujije kuba yaramwimitse ngo abe umwami’ (1 Sam 15:11). Muri Bibiliya harimo inkuru igaragaza uko byagenze igihe abantu b’i Nineve bihanaga bakareka ibibi bakoraga, igira iti “Imana y’ukuri yisubiraho ireka ibyago yari yavuze ko iri bubateze; ntiyabibateza.”—Yona 3:10.

¹³ Yehova yabanje kwemera Sawuli igihe yamutoranyaga kugira ngo abe umwami wa Isirayeli, ariko nyuma yaho aza kumwanga. Ibyo ntibyatewe n’uko Yehova yari yaribeshye igihe yatoranyaga Sawuli, ahubwo byatewe n’uko uwo mwami yabuze ukwizera kandi akanga kumvira. Imana y’ukuri yisubiraho ireka guhana abantu b’i Nineve; yahinduye ibyo yari igambiriye kubakorera. Kumenya ko Yehova Umubumbyi wacu ashyira mu gaciro, ahuza n’imimerere, agira neza, ababarira, kandi ko aba yiteguye kwisubiraho mu gihe abakoze ibyaha bihanywe, biraduhumuriza rwose!

NTITUKANGE IGIHANO CYA YEHOVA

¹⁴ Muri iki gihe, Yehova atugororako cyane cyane binyuze ku Ijambo rye ari ryo Bibiliya, no ku muteguro we (2 Tim 3:16, 17). Ese ntitwagombye kwemera inama cyangwa igihano Yehova aduha akoresheje ubwo buryo? Uko igihe twaba tumaze tubatijwe cyaba kingana kose cyangwa uko inshingano dufite zaba zingana kose, twagombye gukomeza kwemera inama Yehova aduha, tukemera ko ziduhindura tukaba inzabya zikoreshwa iby’icyubahiro.

14. (a) Yehova atugororako ate muri iki gihe? (b) Twagombye kwitwara gute mu gihe Imana ishatswe kutugororako?

¹⁵ Rimwe na rimwe, Yehova aduhana binyuze ku nyigisho ze cyangwa akaduhana akosora imitekerereze yacu. Ikindi gihe bwo, dushobora guhabwa igihano bitewe n'uko tutakoze ibikwiriye. icyo gihanogishobora gutuma dutakaza inshingano. Reka dufate urugero rwa Dennis* wari umusaza w'itorero. Yakoze icyaha bitewe n'imyanzuro mibi yafashe mu birebana n'ubucuruzi, maze acyahwa mu ibanga. Dennis yumvise ameze ate ku mugoroba batangarijeho ko atakiri umusaza w'itorero? Yagize ati "numvise nta cyo ndi cyo. Mu gihe cy'imyaka isaga 30, nari naragize inshingano nyinshi. Nabaye umupayiniya w'igihe cyose, nkora kuri Beteli, mba umukozi w'itorero, nyuma yaho mba umusaza. Nanone kandi, ni bwo nari nkimara gutanga disikuru yanjye ya mbere mu ikoraniro ry'intara. Mu kanya nk'ako guhumbya, ibyo byose byari biyoyotse. Uretse kuba narumvaga mfite isoni n'ikimwaro, nanone numvaga ntagifite umwana mu muteguro."

¹⁶ Dennis yagombaga guhindura imyifatire ye, akareka ibyari byaratumye ahabwa igihano. Ariko se, ni iki cyamufashije kuneshya ibitekerezo bidakwiriye yari afite? Yagize ati "niyemeje gukomeza kugira gahunda nziza yo mu buryo bw'umwuka. Ubufasha nahawe n'abavandimwe b'Abakristo hamwe n'inkunga navanaga mu bitabo byacu, byaramfashije cyane. Ingingo yari ifite umutwe uvuga ngo 'Ese waba warigeze kugira inshingano mu itorero rya gikristo? None se ushobora kongera kuzisubirana?', yasohotse mu *Munara w'Umurinzi* wo ku itariki ya 15 Kanama 2009, yari nk'ibaruwa nandikiwe yasubizaga ama-

* Amazina yarahinduwe.

15, 16. (a) Ni ibihe bitekerezo bidakwiriye umuntu ashobora kugira mu gihe ahawe igihano bigatuma atakaza inshingano? Tanga urugero. (b) Ni iki cyadufasha guhangana n'ibitekerezo bidakwiriye tugira iyo duhawe igihano?

sengesho yanjye. Inama nishimiye cyane yagiraga iti 'niba utagifite inshingano z'inyongera mu itorero, ihatire gukomeza gukura mu buryo bw'umwuka.'" Dennis yafashijwe ate n'igihano yahawe? Yavuze ko nyuma y'imyaka runaka Yehova yongeye kwemera ko aba umukozi w'itorero.

¹⁷ Gucibwa mu itorero ni ikindi gihanoyehova atanga. Birinda itorero ibintu byaryangiza, kandi bishobora gutuma uwakoze icyaha yikosora (1 Kor 5:6, 7, 11). Robert yamaze imyaka hafi 16 yaraciwe. Muri icyo gihe cyose, ababyeyi be n'abo bavukana bumviye rwose inama iboneka mu Ijambo ry'Imana yo kutifatanya n'abakora ibibi, ndetse no kutabasuhuzza. Ubu hashize imyaka runaka Robert agaruwe, kandi akomeje kugira amajyambere mu buryo bw'umwuka. Igihe bamubazaga icyatumye agarukira Yehova n'abagize ubwoko bwe nyuma y'icyo gihe kirekire yamaze yaraciwe, yavuze ko yafashijwe cyane n'imyitwarire y'abagize umuryango we. Yagize ati "iyu abagize umuryango wanjye baza kwifatanya nanjye, niyo biza kuba gake gusa, wenda bakajya bambaza uko merewe, byari gutuma ntabakumbura, kandi kubakumbura biri mu byatumye ngarukira Imana."

¹⁸ Ese nubwo tutahabwa igihano nk'icyo, tuzagaragaza ko turi ibumba bwoko ki mu ntoki z'Umubumbyi wacu Mukuru? Tuzitwara dute naduhana? Ese tuzaba nka Dawidi, cyangwa tuzamera nka Sawuli? Umubumbyi Mukuru ni we Data. Ntukibagirwe ko "Yehova acyaha uwo akunda, nk'uko se w'umwana acyaha umwana we yishimira." Ku bw'ibyo, "ntukange igihano Yehova aguha kandi nagucyaha ntukabyinubire."—Imig 3:11, 12.

17. Iyo uwakoze icyaha aciwe mu itorero bimufasha bite kwikosora? Tanga urugero.

18. Twagombye kugaragaza ko turi ibumba bwoko ki mu ntoki z'Umubumbyi Mukuru?

BASAZA, ese muzahumuriza “ubugingo bunaniwe”?

Angela,* mushiki wacu w’umuseribateri uri mu kigero cy’imyaka 30, arahangayitse. Ategereje abasaza. Ni iki bari bumubwire? Mu by’ukuri, hari iminsi runaka atagiye mu materaniro, ariko byagiye biterwa n’uko nyuma yo gukora umunsi wose yita ku bageze mu za bukuru, aba yumva ananiwe. Uretse iyo mihimbikano ya buri muni, anahangayikishijwe cyane n’uko nyina arwaye.

Uramutse usuye Angela, wafasha ute ubwo ‘bugingo bunaniwe’ (Yer 31:25)? Wakwitegura ute kugira ngo ugarurire ubuyanja abo usura mu rwego rwo kuragira umukumbi?

JYA UTEKEREZA KU MIMERERE ABAVANDIMWE BAWE BARIMO

Hari igihe twese tunanirwa bitewe n’akazi dukora cyangwa inshingano za gitewokarasi.

* Amazina yarahinduwe.

Urugero, igihe umuhanuzi Daniyeli yerekwaga ibintu atashoboraga gusobanukirwa, ‘yumvise acitse intege’ (Dan 8:27). Igihe marayika Gaburiyeli yamubonekeraga, byaramufashije. Iyo ntumwa y’Imana yarabimusobanuriye, imwizeza ko Yehova yari yumvise amasengesho ye, kandi imubwira ko yari akiri umuntu “ukundwa cyane” (Dan 9:21-23). Nyuma yaho, amagamba atoranyijwe neza yavuzwe n’undi mumarayika yakomeje uwo muhanuzi wari wacitse intege.—Dan 10:19.

Mu buryo nk’ubwo, mbere yo gusura uwo muhuje ukwizera ushobora kuba ananiwe cyangwa yaracitse intege, mujye mufata akanya ko gutekereza ku mimerere arimo. Ni ibihe bibazo afite? Ni mu buhe buryo ibyo bibazo bishobora kuba bimunegekaza? Ni iyihe mico myiza afite? Richard umaze imyaka isaga 20 ari umusaza yagize ati “nibanda cyane ku mico myiza y’abavandimwe.” Yongeyeho

Mbere yo gusura uwo muhuje ukwizera mu rwego rwo kuragira umukumbi, mujye mubanza gutekereza ku mimerere arimo





Akenshi abo duhuje ukwizera bishimira kuvuga ibyo basomye muri Bibiliya

ati “iyi ntekereje ku mimerere barimo mbera yo kubasura, kubafasha birushaho kunyorohera.” Niba hari undi musaza uzaguherekeza, kuki mutabanza gusuzumira hamwe imimerere umuvandimwe wanyu arimo?

MUJYE MUTUMA ABAVANDIMWE BANYU BUMVA BISANZUYE

Kugira ngo umuntu avuge uko yumva amereye bishobora kutoroha. Urugero, umuvandimwe wanyu ashobora kunanirwa kubabwira ibimuri ku mutima mu gihe mwamusuye. None se, mwakora iki kugira ngo yumve abisanzuyeho? Kumusekera mubikuye ku mutima no kumubwira amagambo amuhumuriza, bishobora kugira akamaro. Michael umaze imyaka isaga 40 ari umusaza, akenshi iyo asuye abavandimwe mu rwego rwo kuragira umukumbi, atangira agira ati “imwe mu nshingano nziza cyane umusaza afite, ni ugusura abavandimwe mu ngo zabo maze akarushaho kubamenya. Ni yo mpamvu nari ntegerezanyije amatsiko uyu munsi.”

Mushobora kubanza gusenga mubikuye ku

mutima mukimara guhura n’umuvandimwe mwasuye. Mu masengesho y’intumwa Pawulo, yavuzemo ukwizera, urukundo no kwihangana by’abavandimwe be (1 Tes 1:2, 3). Iyo uvuze mu isengesho ibirebana n’imico myiza y’umuvandimwe wawe, mu by’ukuri uba utegura umutima wawe n’uwe kugira ngo muze kugirana ikiganiro cyubaka. Nanone kandi, amagambo yawe ashobora kumuhumuriza. Umusaza w’inariabonye witwa Ray yagize ati “hari igihe twese twibagirwa ibintu byiza dukora. Bityo, iyo hagize ubitwibutsa bitugarurira ubuyanja.”

MUJYE MUBAHA IMPANO YO MU BURYO BW’UMWUKA

Kimwe na Pawulo, mushobora guha umuvandimwe “impano yo mu buryo bw’umwuka” mumubwira igitekerezo gishingiye ku Byanditswe, niyo mwakoresha umurongo umwe gusa (Rom 1:11). Urugero, umuvandimwe wihebye ashobora kumva nta cyo amaze, kimwe n’umwanditsi wa zaburi wavuze ko yari ameze nk’ “uruhago rw’uruhu ruri mu mwotsi” rwa-

kanyaraye (Zab 119:83, 176). Nyuma yo kumusobanurira muri make icyo ayo magambo ashatse kuvuga, mushobora kumwizeza ko muzi ko ‘atigeze yibagirwa’ amategeko y’lmana.

Mu buryo nk’ubwo se, umugani uvuga ibirebana n’igiceri cy’idarakama cyatakaye ntiwafasha mushiki wacu wakonje cyangwa wacitse intege (Luka 15:8-10)? Icyo giceri cyari cyatakaye gishobora kuba cyari kimwe mu biceri byinshi by’ifeza byari bigize urunigi ruhenze cyane. Kuganira na we kuri urwo rugero bishobora gutuma abona ko na we ari umwe mu bagize itorero rya gikristo bafite agaciro kenshi. Nyuma yaho, mushobora kumwerekana ukuntu Yehova amwitaho kubera ko ari umwe mu bana b’intama be.

Akenshi, abo duhuje ukwizera bishimira kuvuga ibyo basomye muri Bibiliya. Ku bw’ibyo, ntimukiharire ijambo. Nyuma yo gusoma umurongo w’Ibyanditswe uhuje n’imimerere uwo mwasuye arimo, mushobora gutoranyamo ijambo ry’ingenzi cyangwa interuro, maze mukamusaba kugira icyo abivugaho. Urugero, nyuma yo gusoma mu 2 Abakorinto 4:16, umusaza ashobora kumubaza ati “ese hari igihe wigeze wumva Yehova yaguhinduye mushya?” Ibyo bishobora gutuma ‘muterana inkunga.’—Rom 1:12.

Nanone kandi, mushobora guhumuriza uwo muhuje ukwizera muganira ku birebana n’abantu bavugwa muri Bibiliya bari mu mimerere nk’iye. Umuntu wumva yihebye ashobora kuba ari mu mimerere nk’iya Hana cyangwa Epafuradito. Hari igihe bombi bumvaga bihebye, ariko Imana yakomeje kubona ko ari ab’agaciro (1 Sam 1:9-11, 20; Fili 2:25-30). Kuki se mutaganira no ku zindi ngero nziza z’abantu bavugwa muri Bibiliya niba imimerere ibibemerera?

MUKOMEZE KUBITAHU

Mushobora kugaragaza ko muhangayikira abavandimwe na bashiki bacu mukomeza kubitaho na nyuma yo kubasura mu rwego rwo kuragira umukumbi (Ibyak 15:36). Mu gihe mumaze gusura umuvandimwe cyangwa mushiki wacu, mushobora kubona ko byaba byi-

za mushyizeho gahunda yo kuzajyana na we kubwiriza. Iyo umusaza w’inararibonye witwa Bernard yongeye kubonana n’umuvandimwe cyangwa mushiki wacu aherutse gusura, yerekeza abigiranye amakenga ku nama aba yaramuhaye, maze akamubaza ati “mbwira, hari icyo yakumariye?” Nimwita ku muntu mutyo, muzabasha kumenya niba akeneye kongera gufashwa.

Ubu ni bwo abavandimwe na bashiki bacu bakeneye kumva ko mubitayeho, ko mubumva kandi ko mubakunda, kurusha ikindi gihe cyose (1 Tes 5:11). Ku bw’ibyo, mbere yo gusura umuvandimwe mu rwego rwo kuragira umukumbi, mujye mufata akanya ko gutekereza ku mimerere arimo. Mujye mubishyira mu isengesho. Mujye mutoranya imirongo y’Ibyanditswe ikwiriye. Ibyo bizatuma mubona amagambo meza yo guhumuriza “ubugingo bunaniwe.”

Mujye mukomeza kubitaho mubivanye ku mutima



Mbese waba warishimiye gusoma amagazeti y'Umunara w'Umurinzi aherutse gusohoka? Ngaho reba niba ushobora gusubiza ibibazo bikurikira:

Abakristo bagombye kubona bate ibyo gutomboza aho umuntu asoma muri Bibiliya?

Hari abantu bagira akamenyeru ko kurambura Bibiliya batomboje bagasoma umurongo baguyeho bwa mbere, batekereza ko amagambo bahasanga ari bubafashe. Abakristo b'ukuri ntibaraguza. Ahubwo, biga Bibiliya kugira ngo bagire ubumenyi nyakuri kandi babone ubuyobozi buturuka ku Mana.—15/12, ipaji ya 3.

“Isi” izashira ni iyihe?

“Isi” izashira ni abantu bose bada-kora ibyo Imana ishaka (1 Yoh 2: 17). Isi y'ubutaka izarokoka ndetse n'abantu b'indahemuka.—1/1, ipaji ya 5-7.

Ni mu buhe buryo Abeli akivuga nubwo yapfuye (Heb 11:4)?

Avuga binyuze ku kwizera. Dushobora kumenya ibirebana n'ukwizera kwe kandi tukakwigana. Na n'ubu turacyibuka urugero rwe.—1/1, ipaji ya 12.

Ni ibihe bintu tutagombye kwemera ko bidutandukanya n'Imana?

Bimwe muri byo ni ibi bikurikira: akazi dukora, imyidagaduro, gu-shyikirana n'umwe mu bagize umuryango wacu waciwe, gukoresha ikoranabuhanga rigezweho, guhangayikira ubuzima bwacu, gukunda amafaranga no kwishyira hejuru.—15/1, ipaji ya 12-21.

Umuco wa Mose wo kwicisha bugufi utwigisha iki?

Ububasha Mose yahawe ntibwatumye yishyira hejuru, ahubwo yishingikirije ku Mana, ntiyishingikiriza ku buhanga bwe. Ntitwagombye kwishyira hejuru bitewe n'ububasha, ubutware cyangwa ubuhanga dufite, ahubwo tugomba kwiringira Yehova (Imig 3:5, 6).—1/2, ipaji ya 5.

Abazazuka bazaba he?

Umubare ntarengwa w'abantu 144.000 bazaba mu ijuru. Ariko abazazuka benshi bazaba ku isi, bafite ibyiringiro byo kuzabaho iteka.—1/3, ipaji ya 6.

Kuba Abisirayeli batari 'barakebwe mu mitima' byasobanuraga iki (Yer 9:26)?

Bari barigometse kandi bari bake-neye kuvana mu mitima yabo ibyatumaga yinangira, ni ukuvuga ibitekerezo, ibyifuzo n'itegu byatumaga batumvira amategeko y'Imana (Yer 5:23, 24).—15/3, ipaji ya 9-10.

Ni mu buhe buryo Yesu yabayeye intangarugero mu birebana no kugira ubuzima bushimishije?

Yari yariyemeje gukora ibyo Imana ishaka. Yakundaga Se cyane, agakunda n'abantu. Ku bw'ibyo, Yesu yari azi ko Se amukunda kandi ko amwemera. Ibyo ni byo bintu bituma umuntu yishimira ubuzima.—1/4, ipaji ya 4-5.

Igice cyo ku isi cy'umuteguro w'Imana kigizwe na ba nde?

Kigizwe n'Inteko Nyobozi, komite z'ibiro by'amashami, abagenzuzi basura amatorero, inteko z'abasaza, amatorero na buri Muhama ku giti cye.—15/4, ipaji ya 29.

Kuki twavugaga ko Imana itagaragaje ubugome igihe yarimburaga abantu?

Yehova ntiyishimira ko umunyabyaha apfa (Ezek 33:11). Ibyo yakozeko kera bigaragaza ko aburira abantu abigiranye urukundo mbere yo kubarimbura. Ibyo bishobora gutuma twiringira kuzarokoka ubwo azaba arimbura ababi mu gihe kiri imbere.—1/5, ipaji ya 5-6.

Ese Abisirayeli bicaga abagizi ba nabi babamanika ku biti?

Oya. Andi mahanga ya kera yarabikoraga ariko Abisirayeli bo ntibabikoraga. Mu gihe cy'ibyanditswe by'igiheburayo, abagizi ba nabi babanzaga kwicwa, urugero wenda batewe amabuye (Lewi 20:2, 27). Hanyuma umurambo washoboraga kumanikwa ku giti, kugira ngo bibere abandi umuburo.—15/5, ipaji ya 13.

Kuki abantu badashobora kuzana amahoro ku isi?

Nubwo abantu bageze kuri byinshi, ntibafite ubushobozi bwo kuyobora intambwe zabo (Yer 10:23). Satani ni we utegeka isi; ku bw'ibyo, abantu ntibazashobora kuzana amahoro (1 Yoh 5:19).—1/6, ipaji ya 16.

